

IBYO KURYA BY'UMWUKA

MU GIHE GIKWIRIYE



Wizere gusa, wizere gusa,
Byose birashoboka, gusa . . .

Ni gute, ni muri ubu buryo:

Ubu ndizeye, ubu ndizeye,
Ibintu byose birashoboka, ubu ndizeye;
Ubu ndizeye, ubu ndizeye,
Ibintu byose birashoboka, ubu ndizeye.

Reka dukomeze duhagaze nonaha, twunamishije imitwe yacu.

Mwami, ibi ntibibe indirimbo gusa, ahubwo bibe ubwimbike bw'umutima wacu uririmba ugira uti: “Noneho ndizeye!” Abigishwa baravuze igihe kimwe, Yesu amaze gukora imirimo myinshi ikomeye, baravuga bati: “Mwami, ubu turizeye.”

Yesu yaravuze ati: “Noneho se ubu murizera?”

² Baravuga bati: “Twizera ko Uzi byose kandi ukeneye ko nta muntu ukwigisha Wowe.” Noneho, Data, iri joro twabonye ko Udakeneye inyigisho zacu, ariko twe dukeneye Izawe. Turasenga rero kugira ngo Wowe uzatwigishe uburyo bwo gusenga, uburyo bwo kubaho, ndetse n'uburyo bwo kwizera. Bitwemerere, Mwami, binyuze muri iri teraniro muri iri joro. Niba hari icyo tubuze, kiduhe, Mwami. Tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

³ Ndabizi ko benshi muri mwe mwongeye guhagarara muri iri joro. Kandi, hanze, nahuye n'amatsinda y'abantu batashoboye kwinjira, bakaba barimo kumvira ku maradiyo mu modoka zabo. Noneho turaza kugerageza kwihuta uko dushoboye iri joro, ku Cyumweru nijoro, tuzasengera abarwayi, dukore umurungu w'amasengesho ku buryo dushobora kuwubona hano. Ariko tukweguriye uyu murimo kuri uyu mugoroba kugira ngo dusengere abarwayi.

⁴ Kandi nifuzaga ko mwakomera mu . . . mu Magambo Yera y'Imana, mu Kwizera, Kwizera kw'iyi saha. Kwizera! Kandi biri buze gusaba ukwizera kutigeze kubaho mu bindi bihe, kuko araba ari ukwizera kutuzamura, tukazamurwa. Turashaka rero ko mwizera kuri uyu mugoroba ibyo mwabonye byose, ibyo mwumvise, Ijambo mwumvise ribwirizwa, i—ibimenyetso n'ibitangaza mwabonye bikorwa. Turifuza ko ibyo byose bikusanyirizwa mu mitima yanyu, kandi mubyitondere, byaba bikomoka ku Mana cyangwa bitayikomokaho.

⁵ Ni nka Elisha wo hambere, wavuze ati: “Niba Imana ari Imana, noneho Uyikorere.” Niba kandi Yesu ari we shingiro ry’ibintu byose ku Bakristo, ubwo rero ntekereza ko dukwiye kureka ibindi byose We tukamwihambiraho. Mwibuke, ni We Pfundo, ni We Nyenyeri ituyobora, ni We Herezo, ni We Kidakuka. Kandi niba ari We Nyenyeri Ituyobora... Hariho ikintu kimwe gusa kizerekana inyenyeri ituyobora, ni akuma kawe ugendana bita indangacyerekezo. Kandi Indangacyerekezo ndimo kugerageza ko mugendana ni Ijambo, kandi Ijambo rihora rimwerekana We.

⁶ Kandi twumva ko turi mu bihe bikomeye by’umubabaro n’ibigeragezo, urujijo rw’igihe cyo kuburanirwa hagati y’ibihugu, kandi ibintu byinshi birimo kugenda biba, kandi rimwe na rimwe ndumirwa nk’uko, ahantu hose ndeba, ni nko ku... mu bwato butsitse hakurya y’inyanja. Kandi nahawe kuyobora Ubwato. None se turaza kubugira dute? Kandi ko hano haje ufite ingofero yera, birenze inshuro ijana ubwato bwanjye. Ariko tuzabashwanyaguza bose, buri wese. “Muri We turi abahanga mu kunesha.” Umuyobozi w’ubwato, Umusare mukuru, yabonye umugozi ku mpera z’ubwato, Azawukuraho. Tuzashwanyaguza buri wese muri bo.

⁷ Ubu noneho, kuri uyu mugoroba dushobora kwihuta mukaza gutaha hakiri kare... Turashimira ingendo ndende mukora, n’ibindi, n’uburyo mugomba gutwara, n’ubwitange bwanu mugaragaza. Kandi, murareba, ibyo bituma ngera aho nifuza guhagarara gusa nkomeza kuvuga no gukora ibishoboka byose kugira ngo mbafashe. Ariko iyo ndi hano ngerageza kubaha byinshi bishoboka, kugira ngo mbafashe mu gihe muri hano. Noneho mufate... Iyo muhaye abantu ibintu byinshi icyarimwe ntibashobora kubyibuka. Wowe u—ugomba gufata ikintu kimwe gusa ukagihereza abantu kugeza igihe bakiboneye. Noneho iyo bamaze kubyakira mu mitima yabo, noneho ba... hanyuma ushobora kubigisha ikindi kintu. Gusa ni intambwe ku yindi uko tugenda.

⁸ Noneho, musenge kandi mugire ubutwari bwiza, kandi mwizere iri joro kugira ngo mukire indwara. Ntabwo ntekereza ko hari ikibazo mu bitekerezo byanyu kijyane n’igihe turimo. Ntabwo nizera ko hari ikibazo mu mitekerezereze yanyu niba Imana iri mu bantu Bayo cyangwa ntayihari. Ndibwira ko mwese mubyemera. Nanjye... Nta gushidikanya mu bitekerezo byanjye ku byerekeye ibyo. Nanjye nzi—nzi—nzi ubwoko bwanjye, inshuti zanjye, inshuti za Kristo, abana ba—ba Kristo, mubyizere.

⁹ Kandi biranshimisha cyane kubona, mu gihe uzi ko ufite Ubutumwa buva ku Mana wabuha abantu, ukabona abantu Babwitabira. Noneho ugasubiza amaso inyuma ukavuga uti: “Urakoze, Data.” Yoo, mbega umunezero noneho kubona abana barya Umugati bohererejwe! Muribuka ko hashize imyaka

myinshi twari twarabyeretswe, hano kuri uru rusengero? Ni byo, “Umutsima w’Ubugingo.” Mwene Data Neville, urabyibuka. Ibihe—ibihe bikomeye!

¹⁰ Noneho reka duhindukire, niba mushaka gukurikira ugusoma cyangwa gushyiraho akamenyetso, gusa... Ndibwira ko bitaba ari byiza guterana tudasomye Ijambo ry’Imana maze tukagira icyo turivugaho, niba bigiye kuba umurimo wo gukiza indwara cyangwa ikindi kintu. Twese turabyumva. Ndibwira ko nta munyamahanga uturimo, ndakeka. Ariko twese twumva icyo gukiza indwara ari cyo. Nta kintu umuntu yagukorera; ni icyo Imana yamaze kugukorera. Agakiza kari ku murongo umwe. Ikintu kimwe, ni, ukugira ngo abantu bemere ko uko ari Ukuri. Kandi Imana irabyigisha mw’Ijambo Ryayo hanyuma ikarigaragaza ku bayizera, nk’uko yavuze iti: “Ibintu byose birashoboka ku bizera.”

¹¹ Muravuga muti: “Nta kintu kidashoboka ku Mana.” Murabyizera? Nta kintu kidashoboka kuri wowe, wenda se. “Erega ibintu byose bishoboka kuri bo,” (Imana ni imwe) “kuri abo bizera.” Murabona? Nta kintu rero kitagushobokera, nawe ubwawe, niba ushobora kwizera gusa.

¹² Noneho mu Bami ba mbere, igice cya 17, ndashaka gusoma imirongo irindwi ya mbere, Umwami nabishaka.

Bukeye Eliya w’Itishubi umwe mu basuhuke b’i Galeyadi asanga Ahabu aramubwira ngo, Ndahiye ndahiye UWITEKA Imana ya Isirayeri ihoraho, iyo nkorera iteka, yuko nta kime cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse aho nzabitegekera.

Hanyuma ijambo ry’UWITEKA rimugeraho riti, va hano ugende werekere i burasirazuba, wihishe iruhande rw’akagezi kitwa keriti, ahateganye na Yorodani.

Kandi uzajye unjywa amazi yako; kandi ntegetse ibikona kuzajya bikugaburirayo.

Mwumye neza, “nzakugaburirira ahongaho,” nta handi. “Ni ahongaho!”

Nuko aragenda akora uko UWITEKA yavuze, cyangwa ijambo ry’UWITEKA: ajya kuri ako kagezi Keriti ahateganye na Yorodani agumayo.

Ibikona bikajya bimuzanira umutsima n’inyama mu gitondo, n’umutsima n’inyama ni mugoroba; kandi akajya anywa amazi y’ako kagezi.

Hashize iminsi ako kagezi karakama kuko nta mvura yagwaga muri icyo gihugu.

¹³ Uwiteka yongere imigisha mu gusomwa kw’Ijambo Rye. Noneho, iri joro, ndashaka gufata inyandiko ivuye muri ryo,

yitwa, “Ibyo kurya by’umwuka mu gihe Cyabyo.” Muri iki gitondo twari dufite i—isomo ku bijyanye no—no “Gukorera Imana umurimo, cyangwa kugerageza kuyikorera umurimo utitaye...-utitaye ku gihe, ibihe urimo, aho uri, cyangwa ku muntu.” Noneho ubu ni: *Ibyo Kurya by’Umwuka Mu Gihe Gikwiriye*.

¹⁴ Uyu muhanuzi, Eliya, tuzi bike kuri we. Ariko tuzi ko yari umugaragu w’Imana, n’umukozi w’Imana wo muri icyo gihe.

¹⁵ Kandi Imana yakoresheje umwuka wayo, kuri Eliya, inshuro eshatu, kandi yongera gutanga amasezerano incuro ebyili; inshuro eshanu, ku bw’ubuntu. Yawukoresheje kuri Eliya; waje kuri Elisha mu mbaraga zikubye kabiri; waje kuri Yohana Umubatiza; wagombaga no kumanukira ku Mugeni wo mu bwoko bw’Abanyamahanga; hanyuma uza kuri Mose aje gucyura Abayahudi mu rugo. Ni byo. Ni inshuro eshanu Imana yasezeranye gukoresha umwuka wa Eliya, kandi yamaze kubikora inshuro eshatu.

¹⁶ Noneho, uyu muhanuzi ukomeye, ntituzi aho akomoka. Tuzi ko yaturutse i Tishubi. Ariko uko yaje...

¹⁷ Tuzi bike ku bahanuzi. Ntabwo tuzi aho baturuka. Ni gake cyane...Nk’uko, ntawe nzi ukomoka mu itorero runaka cyangwa ufite igisekuruza akomokamo. Bari abantu basanzwe gusa ntibagiraga icyo batinye, kandi, inshuro nyinshi, ntibigeze mw’ishuri. Kandi nta kintu bigeze bandika ubwabo. Yesaya na Yeremiya, babiri muri bo, bakoze inyandiko zimwe, ariko uyu muntu ukomeye Eliya ntabwo yigeze yandika ikintu na kimwe. Benshi muri bo ntibanditse; birashoboka ko batashoboraga kwandika. Ariko bari abagabo batuje. Nta muntu uri muri Bibiliya umeze nk’abo bahanuzi ba kera. Basuzuguye ubwami, abami, abantu, amatorero, n’ibindi byose, kandi bahagaze bashikamye kw’Ijambo ry’Imana, kandi Imana yerekanye ko bari mu kuri. Bari abantu bakomeye.

¹⁸ Kandi uyu Eliya yari umwe mu bakomeye muri bose. Yari umuntu wo mu butayu. Yavuye mu butayu; yabaga mu butayu. Bibiliya yavuze ko yambaraga ubwoya. Yari afite uruhu rw’intama rumuzengurutseho, n’agace k’uruhu, rw’ingamiya kazengurutse mu rukenyerero rwe, cyane...yari afite ubwoya bwinshi mu maso, kandi ntekereza ko yari umugabo usa nabi cyane, mu kumureba.

¹⁹ Ariko ntitwakoze...bose ntabwo bapfuye. Ntabwo ari bose—bose ntibapfuye. Mu minsi y’Inama y’i Nikeya, benshi muri mwe mwasomye *Inama y’i Nikeya y’Itorero rya Mbere*, mu gihe bashakaga gukora idini bakavamo bagasenywa andi matorero yose, hanyuma bakaza muri rimwe, ubwo bakoraga iyo Nama y’i Nikeya, abagabo bakomeye nka Elisha binjiyemo baturutse mu butayu, barya ibyatsi byonyine; abagabo bakomeye. Ariko abanyacyubahiro, abakuru, bayobowe na Constantino, n’abandi,

baracecetse. Kubera ko abo, kuba abahanuzi, bari bazi ko impeke z'ingano z'Itorero ry'Umugeni zagombaga kugwa mu butaka, kimwe n'imbuto y'ingano ku Mukwe yagombaga kugwa mu butaka. Ikagumamo imyaka igihumbi.

²⁰ Ni yo mpamvu bandika mu bitabo uyu munsu bati: “Iri he iyo Mana ituje ishobora guhagarara ikareba, irebera abana bato bishwe, n'abagore bashwanyaguwe n'intare, ikicara mu kirere ntigire icyo ibivugaho?” Ntabwo bazi Ijambo. Urwo rubuto rw'ingano rugomba kugwa mu butaka. Ni gute Imana ikiranuka yahagarara ikareba Umwana Wayo Bwite apfa agacirwaho amacandwe, n'ibindi? Ariko ibyo bigomba kuba bikurikije Ijambo, kandi ni ko bigomba kuba. Kandi ni ko bimeze kugeza muri kino gihe.

²¹ Uyu mugabo, yari umuntu ukomeye cyane. Igisekuru cyamubanjirije cyari icy'abana b'inkozi z'ibibi. Ahabu yari umwami, ise wabanje mbere ye yari mubi. Uhereye kuri Salomo, abami bakurikiyeho bari babi. Uyu mugabo, Ahabu, wategetse imyaka makumyabiri n'ibiri i Samariya, yabarushaga ubugome bose. Yari umuntu ugezweho. Nta gushidikanya ko yizeraga idini. Kandi yari afite ibintu byose mu buryo bugezweho. Yari afite abahanuzi be b'Abaheburayo magana ane, bose bize neza kandi baratojwe. Imana yamwoherereje umwe ntiyamwemera, kandi uwo yari Eliya.

²² Ariko Eliya, uyu w'i Tishubi, yari umuntu wo mu butayu. Ntabwo ari umuntu woroshye; yari umuntu utuje. Umunsu umwe, Ahabu amaze gukora icyaha ageza igihe Imana itari igishoboye kubyihanganira, ivugana na Eliya mu butayu. Nuko aramanuka mu muhanda ujya i Samariya, nk'uko nakunze kubigaragaza; birashoboka ko ubwanwa bwinshi bw'umweru bwari bukwiriye mu maso he, uruhara rwe ruyagirana ku zuba, n'amaso ye mato y'abasaza, yari yitwaje inkoni mu ntoki ze, agenda amwenyura, agera ku mwami wa Isiraheli, aramubwira ati: “Nta... Nta rume ruzatonyanga keretse mbitegetse.”

²³ Imana iduhe abagabo nk'abo, nimurebe, abagabo bazi icyo bakora na UKU NI KO UWITEKA AVUZE.

²⁴ Noneho, dusanze mbere y'uko akora ibi, ko Imana yamuhamagaye. Imana yari yaramuvugishije, bityo, ntacyo yatinyaga. Ntabwo yatinyaga ubutumwa bwe, n'inkurikizi; yabaga azi ko biri bubeho! Yari azi ko bikurikije Ijambo ry'Uwiteka, kandi yari azi ko ari umuhanuzi w'Imana w'icyo gihe. Kubw'ibyo rero n'aho umwami yari kumuca umutwe, akamujugunya muri gereza, ibyo bari kumukorera byose, ntacyo byari bimutwaye; yari afite ubutumwa buvuga ngo, “UKU NI KO UWITEKA AVUZE,” imbere y'umwami. Mbega umuntu utuje! Ariko mbere yo gukora ibi, yahanuye amapfa akomeye...

²⁵ Erega Imana ntishobora kwihanganira icyaha. Hagomba kubaho igihano. Itegeko ryaba rimaze iki ridatanga i—igihano?

Byaba bimaze iki kuvuga ngo: “binyuranyije n’amategeko gukoresha urumuri,” niba nta amande abiherekeje, cyangwa nta gihano kije inyuma yabyo? Ntabwo ryaba ari itegeko. Bityo rero buri cyaha kigira igihano cyacyo. Kandi iyo Imana ishyizeho amategeko, hanyuma rya tegeko—rya tegeko bakaryica, hagomaba gukurikiraho ibihano.

²⁶ Kandi iri shyanga ryari ryarenze ku mategeko ye yose. Yoo, bari bafite itorerero rinini, bafite urusengero. Bafite abagabo benshi bize. Bafite abahanuzi hirya no hino, bafite amashuri yabo, babahindura nk’imashini. Kandi bari bafite abahanuzi benshi, bafite na—n’abatambyi benshi, bari bafite abanditsi benshi, kandi bari bafite amadini menshi, ariko bari kure y’Ijambo ry’Imana. Imana rero yahamagaye umuntu hanze y’urwego rwabo rwose, imwohereza afite UKU NI KO UWITEKE AVUZE.

²⁷ Kandi murebe uburyo We yita ku Bye Bwite. Mbere yo kohereza uyu muhanuzi n’ubutumwa, Yaravuze ati: “Eliya, manuka, ubwire Umwami Ahabu ibi bintu. Noneho, numara kubikora, uje kure ye vuba, kuko nateguye aho uzajya mu gihe cy’amapfa. Ngiye kukwitaho, Eliya, niba wamamaza Ijambo Ryanjye gusa, ukore ibyo nkubwiye gukora.”

²⁸ Noneho ngiye kwandika uyu murimo ukomeye, iri joro, wa Eliya n’igihe cya Eliya, hamwe n’igihe turimo. Ndatekereza ko ari urugero rwiza. Ntekereza ku mahanga... niba ari... twagize umwanya wo gusubira inyuma, ariko ndashaka gushyira umwanya uhagije ku murongo w’amasengesho.

²⁹ Niba rero twashoboraga gusubira inyuma tukareba, Isiraheli yari yarafashe Palesitine nk’uko twafashe iyi Amerika. Twinjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika hanyuma twirukana abayirimo, ari bo Bahinde, nuko dufata ubutaka. Kandi Isiraheli yinjiye muri Palesitine, iyobowe na Yohuwa, muni y’ububasha bw’Imana, yirukana abari bayirimo maze afata igihugu.

³⁰ Abami babo ba mbere bari abantu bakomeye: Dawidi, Salomo, n’abantu bakomeye. Abaperezida bacu bo hambere bari abantu bakomeye: Washington, Lincoln, n’abandi. Noneho amaherezo abaperezida cyangwa abami barushaho kugenda baba babi, amaherezo barangije uyu Ahabu. Urugero rwiza cyane, rusa neza neza no muri iyi minsi. Kandi abantu bari babayeho kiyambere ku buryo batashakaga kumva Ijambo ry’ukuri ry’Uwiteka.

³¹ Kandi nimutekereze, ku bantu nk’abo bagendana, n’ibigezweho uko bakumva umukozi nyawe w’Imana. “Kubera iki, yari umusazi, ntabwo yari afite ubwenge. Ntabwo hashoboraga kubaho ikintu nk’icyo.” Bari abanyedini, abanyedini cyane. Bafite abagabo bazi icyo gukora, bafite abantu bazi icyo gukora. Bari abanyedini cyane.

³² Bityo rero yari azi ko bisaba ubuhanga budasanze mu kwigisha tewolojiya, ko bizasaba ibirenze—ibirenze ubutumwa busanzwe, ko bizaba birenze kubwiriza Ijambo, kugira ngo imitima yabo yinangiye imeneke. Yari azi ko bisaba UKU NI KO UWITEKA AVUZE ngo abo bantu abacire urubanza. Yamenye rero ko igihe yazaga afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE (Kandi koko byari UKU NI KO UWITEKA AVUZE.), gusuzugura Ibyo, kwari ukwikururira urubanza. Tubona ko ari nako bimeze, muri iki gihe cyacu. Ibyo tubibona umunsi uwo ari wo wose. Nta kindi gisigaye uretse gucirwa urubanza iyo urenze umurongo w'imbabazi.

³³ Noneho, urwo rugero, urwo, ngiye kugereranya Eliya hamwe n'itorero muri iki gihe, itorero ryo muri iyi minsi. Mbere y'urubanza, yakiriye ubu butumwa. Eliya, yari ahagarariwe, yitaweho mu buryo busanzwe, yifatira ifunguro rye risanzwe, kubera ko imvura itagwaga icyo gihe, ukurikije Ijambo ry'Imana, imyaka itatu n'amezi atandatu, cyangwa kugeza Eliya ayitegetse kugwa. "Igihe uzabivugira cyose wowe, Eliya, ni ko bizagenda." Ni cyo cyatumye yegera umwami, maze akavuga ati: "Nta n'ubwo ikime kizagwa kugeza igihe nzagihamagarira." Ni byo rwose—umutwaro, si byo? Ubwo ni ubutumwa rwose!

³⁴ Noneho ubu tugiye kugereranya ibyo hamwe n'amapfa yo mu mwuka y'iki gihe. Noneho, twese turabizi, turabizi cyane, ko muri iki gihe hari amapfa akomeye yo mu mwuka mu gihugu, tuvugishije ukuri mu mwuka. Kandi, murabizi, ibyo byahanuwe n'abahanuzi, mbere y'uko Ukuza kwa Kabiri kwa Kristo kuba? Yaravuze ati: "Hazabaho inzara mu gihugu, kandi ntizaba ari iy'umutsima gusa, ahubwo azaba ari n'iyi kumva Ijambo ry'Imana." Kandi uwo muni ni nonaha, "kumva Ijambo ry'ukuri ry'Imana." Noneho, ibi biragereranya ubwoko bw'amapfa asanzwe hamwe n'ay'umwuka.

³⁵ icyaha no kutizera, cyatewe n'abigisha b'ibinyoma hamwe n'abazana inyigisho nshya mw'itorero, ni byo byakuruye urubanza rwegereje, ruzaza. Noneho bari barahindutse bava mu Ijambo ry'Imana n'umuhanuzi Waryo, bahindura imvugo ya tewolojiya igeweho y'Ijambo.

³⁶ Nk'uko mubibona rero, iki ni cyo gihe Imana igira icyo ikora. Impamvu, Yo, buri gihe, ntacyo Ikora kugeza Ibanje kubimenyesha abantu, kandi ihora ibihishurira n'abagaragu Bayo.

³⁷ Noneho, ariko Eliya, muri kiriya gihe, yari afite ahantu hihishe Imana yamutegetse kujya. Ni cyo kintu ngira ngo turebeho mbere y'uko tugira umurongo w'amasengesho. Eliya yari afite ahantu hihishe hatanzwe n'Imana ubwayo. Noneho, itorero ntabwo ryigeze rimugaburira, umwami ntabwo yigeze amutunga, ntabwo yigeze agira icyo amugenera, ariko Imana yateganyirije Eliya ahantu hihishe kugaburirirwa igihe cyose

cy'amapfa, aho ibiryo bye byatangwaga umunsi ku munsi. Ntabwo yari akeneye kwibaza ibizaba ejo cyangwa kwibaza niba amasoko yabuze. Imana yaravuze iti: "Nategetse ibikona kujya bikugaburira." Mbega ikintu cyiza, urugero rw'ibanga ryacu muri Kristo.

³⁸ Igihe inama y'isi yose n'ibiri gukorwa muri iyi minsi, yaravuze ngo: "Iminsi y'ibitangaza yararangiyeye." Imbaraga zikomeye z'Imana zakuwe mu matorero. Basa nk'aho, nta kindi bafite uretse, gusa kumera "nk'icyuma kibomborana cyangwa inzogera irangira." Turabizi ko ibyo ari ukuri. "Basa n'abubaha Imana ariko bagahakana Imbaraga zayo."

³⁹ Bimeze nk'ibyo Dawidi yakoze, muri cya gitondo, birebena n'amagare akururwa n'ibimasa, ariko bidafite aho bihuriye n'Ijambo. Igihe Ijambo ryatangwaga bakarihabwa, ntibarishakaga; kubw'ibyo, bari baragiye kure Yaryo.

⁴⁰ Ni byo abo bantu bari barakoze mu gihe cya Eliya, bava mw'Ijambo. Batekerezaga ko bafite Ijambo, ariko nyamara Ryo ntaryo bafite.

⁴¹ Nimwitegereze mu... mu gihe Yari agiye guhana abatizera, Yaciriye inzira abizera. Ni cyo kintu Akora buri gihe. Mu minsi yari Agiye kurimbuza isi amazi, Yaciriye Nowa inzira y'ubuhungiro. Mu minsi Yari agiye guteza Misiri umwuzure, ubwoko Bwayo yabushakiye inzira mu nyanja. Mbega ukuntu Imana ica inzira Yayo! Kandi aho inzira itari, Ni ho ica Inzira. Ni ho ica Inzira!

⁴² Noneho turabona ko tugeze muri bimwe mu... bimwe mu bihe bikomeye amateka yigeze kumenya. Ntabwo rwose ari intambara ifite igisasu cya misile cyaka cyane, gifite umutwe hejuru, tugomba gutinya. Ni amatorero dukwiye gutinya. Ni igihe turimo dukwiye kwitegereza.

⁴³ Noneho murebe, ukuntu Imana yashakiye Eliya ubuhungiro kugira ngo ayarokoke. Kandi yashyizeho inzira ku bana Bayo bizera ibahungisha nonaha, umujinya n'ibindi bintu bibi byari kuzaza.

⁴⁴ Kubera ko, Imana ntishobora gucira imanza abo bantu no kubohereza ibihano, no kuroha Sodomu na Gomora, no kurohama kwa Kaperinawumu hagati y'inyanja, no gucira urubanza ibisekuruza, ndetse na Sodomu na Gomora, hanyuma rero reka dukore ikintu kimwe kandi tubane na cyo. Twese tuzi neza urubanza nk'uko bari bizeye urubanza. Noneho turabona ko...

⁴⁵ Iyo ibintu nk'ibi byabaga, inzira z'ibigezweho by'uwo munsi, Muri iyo minsi, Imana yahagurutsaga umuntu, bityo akaza, amaramaje, kugira ngo ahangane n'izo mbaraga, nyamara ntibamutege amatwi. Batekerezaga ko ari umusazi, yataye umutwe, yari umufana ushaje gusa, umuswa uturutse mu

butayu, umusazi uvumbutse mu bihuru. Nyamara ariko, yari afite Ijambo ry'Uwiteka.

⁴⁶ “Ijambo ntirisobanura neza icyo rishaka kuvuga,” ni ko bavuga uyu muni. “Yego, ni byiza, ngo Bibiliya ni igitabo cy'amateka.” Ndaye ko wabonye ibi, ko ubu basabye, ngo: “Eva ntabwo yariye urubuto rwa pome, yariye...” Yariye iki? Ndizera ko... “Rwari urubuto rwa apuriko,” ni ko ubu bavuga. “Rwari apuriko.” Hanyuma, bakongera bati: “Mose ntiyigeze anyuza abana mu Nyanja Itukura. Rwari urufunzo gusa kuva ku nkombe kugera ku yindi, maze anyura mu nyanja y'urufunzo.” Ni gute amazi, a-m-a-z-i, yaba yarigabanyijemo kabiri, bakanyura ku butaka bwumutse, amaherezo? Yoo, ubwo ni ubuswa! Ariko, urabona, bisaba umunsi nk'uyu kugira ngo uburakari bw'Imana bumanukire ku bantu. Irabikora.

⁴⁷ Bavuga ko nta kintu nk'icyo nka—nk'ibi... Ndetse n'abantu b'itorero ntibemera ibitangaza. “Nzaguha amadorari igihumbi,” baravuga bati: “twereke igitangaza. Twereke igitangaza!” Ni byiza, ntibashoboraga kubona niba hari ibintu ibihumbi icumi byakozwe mbere yabo. Kuki, bo, ntabwo bari kuzigera babibona.

Uravuze uti: “Ibyo ntibishoboka.” Yoo, oya, ntabwo ari byo.

⁴⁸ Igihe kimwe Eliya yamanutse i Dotani, ingabo z'Abanyasiriya ziraza zikikiza umugi, kugira ngo bamufate, kuko bari bazi ko ariho i—imbaraga z'igihugu zari ziri, zari muri iyo ndebakure. Kubera iki, umwami... Umwe muri abo bagabo yabwiye umwami wa Siriya, ati: “Kubera iki, uzi, umuhanuzi Eliya, w'i Tishubi, bwira umwami wa Isiraheli ibyo uvugira mu cyumba cyawe cy'ibanga.”

⁴⁹ Ati: “Genda ushake uwo musore! Uwo ni mugenzi wawe utubangamira.” Ingabo zose za Siriya zirara hafi ya Dotani. Bari bazengurutse impande zose.

⁵⁰ Nuko Gehazi, u—umugaragu w'umuhanuzi, arabyuka, maze aravuga ati: “Yoo, databuja, ingabo ziradukikije hano. Turazengurutse rwose.”

⁵¹ Aravuga ati: “Kubera iki, abaturwanirira baruta abaturwanya.” Murabona?

Gehazi areba hirya no hino, aravuga ati: “Nta muntu mbona.”

⁵² Aravuga ati: “Mwami Mana, fungura amaso y'uyu muhungu.” Amaso ye arahumuka, maze abona imisozi yose yuzuye Abamalayika n'amagare bicayeho zibazengurutse, Ingabo zitagaragara.

⁵³ Eliya yasohotse hanze, Bibiliya iravuga iti: “Yabahinduye impumyi.” Yagiye abasanga; ntibashobora kumubona. Arabegera arababaza ati: “Murashaka Eliya?”

Baramusubiza bati: “Yego, ni we dushaka.”

⁵⁴ Arababwira ati: “Muze, mbereke aho ari,” nuko maze abayobora mu gico, neza neza aho ingabo zasohokaga neza zikababona.

⁵⁵ Noneho, Bibiliya iravuga iti: “Yabateje ubuhumyi.” Ibyo bikemuye ikibazo. Kandi abantu ni impumyi z’umwuka muri iki gihe, n’ubwo Umwami Imana yamanutse hagati y’abantu kandi agakora ikintu cyose, n’ibintu Yasezeranije, ntibashobora kubibona. Ni impumyi mu mwuka; ntibazi Imana, ntibazi Imbaraga Zayo zikomeye. Noneho, turabona ko babikoze mu gihe cya Eliya, kandi n’ubu baracyabikora. Imana ibakubita ubuhumyi. Baravuga uyu muni, bati: “Nta bitangaza bihari, nta kintu nk’icyo, ibi byose ni amarangamutima.”

⁵⁶ Ni nabyo bavuze kuri Eliya, kubera ko yazamuwe, maze Elisha akamusimbura, umwana w’umusore, yari afite uruhara, yari akiri muto, yaragendaga abana bakamwiruka inyuma, bakavugaga ngo: “Ni ko musaza w’uruhara, kuki utazamuranywe na Eliya?” Reba, ntibigeze babyizera mu ntangiriro, abantu, nyuma y’ibintu byinshi byari bimaze gukorwa. Kandi uyu muntu ukomeye w’Imana yari yarajyanywe mw’Ijuru n’igare ry’umuriro, ariko abantu ntibabyizera. Kandi abana babo bato birukaga inyuma y’uyu mugabo bakavuga bati: “Umusaza w’uruhara, kuki utazamuwe?” Murabona? Hanyuma umuhanuzi avuma abana, maze idubu yica mirongo ine na babiri muri bo.

⁵⁷ Nimwitegereze neza. Uko ibintu bimeze uyu muni, ni ko byari bimeze icyo gihe, bashyize ibisobanuro byabo mw’Ijambo. Noneho, rero niba ari ko bashaka kubikora, birabareba, ariko ikibazo ni uko bashaka kubitwemeza. Bibiliya ivuga iti: “iri Jambo ry’Imana ntiripfa gusobanurwa uko wishakiye.” Imana ni yo itanga ubusobanuro Bwayo. Imana ihamya Ijambo ryayo: uko ni ko irisobanura. Nk’uko nabivuze incuro nyinshi, mu ntangiriro Yaravuze iti: “Nihabeho umucyo,” nuko umucyo ubaho. Ibyo ntibikeneye ubusobanuro; byarabaye. Yaravuze iti: “Umwari w’isugi azasama inda,” yarasamye. Yaravuze ngo: “Izohereza Umwuka Wayo,” Yarawohereje. Kandi yaravuze ngo: “mu minsi ya nyuma,” ibintu Yo izakora, kandi Irimo kubikora! Ibi ntabwo bikeneye ubusobanuro. Imana Ubwayo ni Yo ibyisobanurira. Ibyo injiji yavuga byose, ibyo ntibishobora guhagarika Imana na gato.

⁵⁸ Igihe Yesu yari kw’isi, yahanganye n’ubuhakanyi bukomeye nk’uburiho uyu muni, ndetse wenda n’ububuruta. Ariko ntibyamubujije; Yakomeje gukora no gusohozza inshingano Ze, kandi Imana ihamiriza ibyo Yakoze byose. Yaravuze ati: “Ntabwo ndi Njyeneyine. Njye na Data turi umwe; Ari muri Njye. Ntabwo ari Njye ukora iyi imirimo, ni Data uba muri Njye. Niba kandi ntakora imirimo Ye, njye ntimunyizere; ariko niba Nkora imirimo nyamara Njye ntimubashe kunyizera, mwizere imirimo.” Nimurebe? Mu yandi magambo, bo... “Bashakishe

mu Byanditswe,” Yaravuze ati: “kuko ni ho mutekereza ko mubonera Ubugingo Buhoraho, ni mu kumenya Ibyanditswe. Kandi Ibyanditswe, Ubwabyo, birampamya.” Amina! Mbega amagambo! “Ni byo, Ibyanditswe, bibabwira Uwo ndi We,” ni ko Yesu yavuze.

⁵⁹ Kandi Ibyanditswe bibabwira igihe turimo. Kandi ibintu mubona byakozwe, ni Imana Ubwayo mu bantu Bayo. Nta kintu gishobora kuzura abapfuye uretse Imana. Nta kintu gishobora gukora ibintu Arimo gukora ubu uretse Yo. Kuri Bibiliya ivuga ko: “Ari wa wundi ejo, uyu munsu, n’iteka ryose.”

⁶⁰ Noneho tubona ko abantu b’ubu, bagira bati: “Yoo, ibintu byararangiyeye, ngo nta bitangaza bikibaho. Abantu bamazwe n’amarangamutima.”

⁶¹ Mutega amatwi uwo Eliya, umuhanuzi, mwumve icyo ababwira na tewologiya zabo. Murebe, nimwitegereze, ukuntu avuga nk’aho ari Imana Ubwayo ivuga. Eliya yavuze nk’aho ari Imana Ubwayo ivuga ati: “Ikime ntikizagwa giturutse mw’Ijuru kugeza igihe nzagihamagarira.” Amina! Yego mugenzi.

⁶² Umuhanuzi yari amaze igihe kinini imbere y’Imana, abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera, cyangwa igihe icyo ari cyo cyose, iyo babaye imbere y’Imana bageza aho bakaba Ijambo, Ubutumwa bwabo buhinduka Ijambo Ubwaryo. Kandi, nimwibuke, yaravuze ati: “UKU NI KO UWITEKA AVUZE.” Kandi igihe abo bagabo babaga bafite ubwo butumwa buturutse ku Mana, kandi bakabwirundiriramo ku buryo ibitekerezo byabo bwite... Bushobora kuba bunyuranyije n’ibitekerezo byabo, ntibashobora ku—kubibona neza. Ariko bavugaga Ijambo ry’Imana bati: “UKU NI KO UWITEKA AVUZE.”

⁶³ “Nta mvura izabaho kugeza igihe nzayihamagarira.” Yoo, mbega amagambo! Yabaye imbere y’Imana kandi ahamirizwa mu buryo butunganye. Kandi, nimwibuke, ibyo na byo bikurikira ibyo muri Amosi 3:7, “Uwiteka Imana ntacyo Azakora atabanje kubihishurira imbata ze ari bo bahanuzi.” Ati: “Ntabwo imvura izagwa!” Yabanje...

⁶⁴ Baramuseka, bibwira ko ari umusazi, “Uwo mufana!” Ariko, nimurebe, yari afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE ko imvura itari kuzagwa. Kandi mbere y’uko Imana ibikora, yabimenyesheje Eliya umugaragu Wayo. Bityo yari yagaragajwe, yahamirijwe nk’umuhanuzi, abantu bakaba baragombaga kwihana. Aho kwihana, baramusetse baravugaga bati: “Yoo, dufite imvura nyinshi! Ibigaga biruzuye. Imigezi iruzuye.”

⁶⁵ Bibiliya iravugaga iti: “Nta n’urume rwigeze rutonyanga igihe cy’imyaka itatu n’amezi atandatu.” Utugezi twose n’inzuzi hose byarakamye, ahantu hose. Ntiyari akiri umuntu, ni Imana yamuvugiragamo. Uwo yari “Ndiho” ni ko yahoze. Buri gihe turabizi. Rero a...

⁶⁶ Tumenye ko iyo umuntu aje, yoherejwe n’Imana, yashyizweho n’Imana, afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE, ubutumwa n’intumwa bihinduka ikintu kimwe kandi byombi bikaba kimwe. Kubera ko yoherejwe guhagararira UKU NI KO UWITEKA AVUZE, Ijambo kw’Ijambo, ubwo rero we n’ubutumwa bwe ni kimwe.

⁶⁷ Umunyamadini ugengwa n’amategeko y’idini, we n’itorero ni ikintu “kimwe.” Umunyatewolojiya uri muri tewoloji neza, yateguwe n’amwe mu madini, we n’ubutumwa bwe ni bamwe; itorero rya tewolojiya, umuhanga mu bya tewolojiya. Ni byo.

⁶⁸ Noneho iyo umuntu aje afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE, we n’Ubutumwa bwe ni umwe. Eliya amaze kuzana UKU NI KO UWITEKA AVUZE, we n’ubutumwa bwe babaye umwe. Nk’uko Yesu, igihe yazaga, yari Ijambo, Mutagatifu Yohani 1. Ijambo ry’Imana rero n’intumwa y’igisekuruza cyaryo buri gihe ni ikintu kimwe. Ni ko bimeze.

⁶⁹ Yesu yari rya Jambo ryari ryarahanuwe. Uwo abahanuzi bari baravuzeho ko azaza, “Umwari w’isugi azasama inda, atwite Umwana.” Duhereye mu ntangiriro, Imana yari yaravuze ngo: “Urubyaro rw’umugore ruzamena inzoka umutwe, nayo izamuruma agatsinsino.” Ubuhanuzi bwose bwari bwaratanze. Dawidi, kimwe n’abandi bahanuzi bo mu bisekuruza binyuranye, We bamuvuzeho. Yari ririya Jambo ryagaragaye! Haleluya!

⁷⁰ Murabona noneho icyo nshaka kugeraho? Muri kino gitondo, nababwiye ntacyo mbahishe. Ntimubona ubutware bw’Imana nzima mw’Itorerero rizima, ari ryo Mugeni? Abarwayi barakira, abapfuye barazuka, abamugaye baragenda, impumyi zirahumuka, Ubutumwa bwiza bugenda mu mbaraga zabwo, erega Ubutumwa n’intumwa ni ikintu kimwe. Ijambo riri mw’Itorerero, mu muntu.

⁷¹ Ijambo ry’Imana ryari muri Eliya igihe yazamukaga hariya afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE, maze akavuga ati: “Ntamvura izagwa.” Ntabwo yari Eliya; yari Imana muri Eliya.

⁷² Nakunze kuvuga, nka wa mugore ukorera ikinyamakuru kitirwe Siyansi ya Gikristo twigeze kuganira. Ibi nakunze kubibabwira inshuro nyinshi. Yarambwiye ati: “Bwana. Branham, urakabya mu kwiratana Yesu.”

Naramusubije nti: “Ndizera ko icyo ari cyo kintu cyonyine ngomba kwisobanuraho.”

Arongera aravuga ati: “Ugerageza kumugira Imana.”

Ndavuga nti: “Yari Imana.”

⁷³ Aravuga ati: “Yoo, Yari umuhanuzi, Yari umuntu mwiza, ariko ntiyari Imana.”

⁷⁴ Nanjye nti: “Ni byiza, nyereka Ibyanditswe bimwe bivuga ko atari Yo.”

⁷⁵ Aravuga ati: “Mu gitabo cya Mutagatifu Yohana, handitswe ko: ‘Yararize’ ubwo yageraga ku gituro cya Lazaro.”

⁷⁶ “Byiza cyane,” Ndavuga nti: “ni byo koko, Yararize. Yari umuntu akaba n’Imana. Yari umuntu, wariraga; ariko yagombaga kuba Imana kugira ngo azure uwapfuye.” Ni ko bimeze. Ndavuga nti: “Ari umuntu, yarashonje; ariko nk’Imana yagaburiye abantu ibihumbi bitanu, ahereye ku migati ibiri n’amafi atanu.” Ni ko bimeze. “Yari umuntu, ubwo yari yasinziriyeye mu bwato; ariko yari Imana muri We ubwo yategekaga amazi gutuza.” Kubera iki? We n’Ubutumwa Bwe bari umwe.

⁷⁷ Yaravuze ati: “Jye na Data turi umwe. Data atuye muri Njye.” Yari umwuzuro k’Ubumana mu mubiri.

⁷⁸ Ndibwira ko wa munsu byari bitangaje, igihe nzana *Ibisekuruza birindwi by’Itorerero*. Ngitangira, si—sinashoboraga kwiyumvisha ukuntu Yesu ahagaze hariya afite...n’umweru hejuru Ye umeze nka gutyo, ati: “Umusatsi we weraga nk’ubwoya bw’intama.” Sinashoboraga kumva ukuntu umugabo ufite imyaka mirongo itatu n’itatu yaba nk’urubura rwera.

⁷⁹ Nahamagaye umuhanga mu bya tewolojiya, umuhanga mu bya tewolojiya ya Pentekote, inshuti nziza. Ni byo, yari umuvandimwe Jack Moore. Ni umuntu uzi usobanutse, uzi ubwenge. Yaravuze ati: “Mwene Data Branham, uwo ni we Yesu wahawe icyubahiro. Ni ko Yasaga nyuma yo guhabwa icyubahiro.” Oya, ntabwo nashoboraga kubyemera. Oya.

Njye—njye—naravuze nti: “Ni byo, Mwene Data Moore, urakoze.”

⁸⁰ Ninjiye mu cyumba aho ngaho maze ntangira kuvugana n’Imana. Nuko ndambura ibyanditswe biri muri Daniyeri aho havugaga ngo: “Nuko haza Umukuru w’Ibihe imisatsi Ye yarareranaga nk’ubwoya bw’intama.” Ndavuga nti: “Mwami, Si—si—sinzi icyo navuga kandi mfite inshingano.” Noneho, ibyo byari mbere ya...kandi mwibuke, mbere yuko Ibimenyetso Birindwi bimenwa, hafi umwaka cyangwa urenga, mbere. Ni ho nari ndimo gusengera, “Mwami, harya byari ibiki?”

⁸¹ Nuko ndareba, imbere yanjye hari hahagaze umugabo kandi yari umucamanza yambaye ingofero ifite imisatsi y’umweru. Abacamanza ba kera bo mu bihe bya kera bakundaga kwambara igitambaro cyera kugira ngo berekane ko ari abategetsi b’ikirenga.

⁸² Noneho ubwo nabonaga Yesu afite imisatsi yera, Ndavuga ngo ibyo bihamya ukuri dusanzwe tuzi, ko ari We Mutware w’Ikirenga. Imana ni byo yahamije ku Musozi wo guhindurirwaho, iravugaga iti: “Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane, mumwumvire, ni Umutware w’Ikirenga!”

⁸³ Noneho reka dusubire mu itangiriro ry'Ibimenyetso Birindwi, igihe abo Bamalayika barindwi bamanukaga bakoze ishusho ya piramide, bagahagarara aho bakantegeka kuza kuvuga kuri ibyo Bimenyetso Birindwi, kandi Yagombaga kuba ari kumwe nanjye, Yagombaga no kunyereka ibyo bintu ibyo ari byo: ni ibintu byatakaye. Nakunze gutekereza ko byari byanditse ku rupapuro rwa nyuma rw'Igitabo kandi ntabwo byari byanditswe mu Gitabo, ariko icyaje kugaragara ni uko Adashobora kubikora. Ntabwo ari ikintu cyanditswe mu Gitabo...Ni ikintu cyihishe mu Gitabo. "Kubera ko, umuntu wese uzakuramo Ijambo rimwe cyangwa akongeraho ijamba..." Bityo rero ni ubwiru dusanga mu Gitabo mu bisekuruza birindwi by'itorero. Buri kintu muri byo cyatangaga u—ubwiru, ibyo byose bijyanye n'umubatizo w'amazi n'ibindi bintu bagiye basimbuka igihe kirekire.

⁸⁴ Igihe kizamutse mu kirere, ibigo bikomeye bishinzwe kwitegereza mu isanzure biri muri Kaliforniya, muri Megiziko, muri Tukusoni, byose barabifotoye. Byari ibintu by'amayobera. Mwene Data Fred Sothmann ari hariya, yicaye inyuma hariya, nanjye na Mwene Data Gene Norman, twari duhagaze hariya igihe Kijya mu kirere. Bafashe ifoto, nyamara ntibari bazi icyo ari cyo. Hano hashize igihe, abantu bose bavugaga bati: "Nimurebe hano. Kirasa *gutya*, Ngo ni amababa y'abamalayika, nimurebe uburyo arambuye."

⁸⁵ Umunsi umwe, narahindukiye ndeba iburyo, maze mbona Yesu Kristo ameze neza nk'uko Hofmann ajya amushushanya. Yari ahagaze hariya afite ingofero ifite imisatsi y'umweru ku mutwe, areba hasi ku isi, agaragaza ko ari we Mutware w'Ikirenga. Ijuru rirabivuga, Bibiliya irabivuga, Ubutumwa burabivuga, byose bibivugaho kimwe. Umutware w'Ikirenga wambaye ingofero iriho imisatsi ifite ibara ry'umweru; murebe n'ubwanwa Bwe bw'umukara. Benshi muri mwe mwabonye iyo foto. Turayifite hariya. Yihindukize iburyo, muri icyo cyerekezo, uyitegereze. Ari hariya, neza neza nk'uko yayikoze imeze neza nk'aho baba baramufotoye. Barrimo kuyirebera mu ruhande rutari rwo. Muyirebere mu ruhande rw'iburyo. Kandi Umwami Imana yonyine ni yo ishobora guhishura ari nabwo buryo bwiza. Yihindukize iburyo bwawe maze uyitegereze. Ni aho, biratunganye nk'uko byari byarafotowe, aho hejuru.

⁸⁶ Ubwa mbere mbibona, Yasaga nk'*Umutwe wa...* Hofmann. Sinari narigeze mbona ibintu nk'ibyo. Kandi mw'ihema rya Billy Sunday, nyuma y'imyaka, narabibonye. Inzu yanjye ntabwo yigeze ibaho itarimo imwe muri ayo mashusho kuva ubwo.

⁸⁷ Noneho, hano mu kirere, mvuga ko ari Imana nyayo nabonye muri iri yerekwa hanze aha, gusa umwana muto w'umuhungu hanze aha iyi nzu y'ishuri ihagaze, Yasaga nk'uriya. Kandi, nyuma y'imyaka mirongo itatu n'itatu, Ijuru rirameza ko ari

ukuri. Uko ni ko Asa; ntabwo ari ikintu cyavuye mu bitekerezo by'umuntu.

⁸⁸ Ni nk'i Vatikani, hari ishusho—ya—ya—ya Kristo ishushanyije yo, afite ubwanwa buzengurutse akananwa Ke, bufite umuzenguruko nk'uwa santimetero imwe, bukazamuka bukazenguruka umunwa We hejuru nka *gutya*, Uwo ni we bita Kristo.

⁸⁹ Byatumye nibuka igihangano cy'umunyabugeni w'Umugiriki nigeze kubona muri za katedarari za cyera, cyerekanaga uko Adamu na Eva basaga; basaga n'ibikoko cyangwa ikindi kintu. Ni byo ubwenge bwa kamere bushobora kubona ku bintu bimwe by'umwuka. Ntekereza ko Adamu yari umugabo mwiza cyane wabayeho, kandi Eva yari umugore utunganye mu buryo bwose.

⁹⁰ Abantu rero bafite ibitekerezo bishingiye kuri kamere y'umubiri bafindafinda icyo Kintu bakurikije imitekerereze yabo, nyuma Imana ikakigaragaza ikoresheje Imbaraga Zayo. Ni byo rwose byabereye hano mu gihe cya Ahabu.

⁹¹ Noneho, dusanze Eliya ashobora kuvuga ibyo, kuko Ubutumwa bw'igihe n'Ijambo ry'Imana, cyangwa, intumwa, Ubutumwa—Ubutumwa, n'Ijambo, byari bimwe rwose. Umuhanuzi, Ijambo, Ubutumwa; intumwa, Ubutumwa, n'Ubutumwa, byari bimwe. Yesu yaravuze ati, “Niba ntakoze imirimo yanditswe kuri Njye, ntimunyizere.” Ni byiza. Umuntu uwo ari we wese n'ubutumwa bwe ni bamwe.

⁹² Ni yo mpamvu uyu munsu batemera gukora imirimo y'Imana, kubera ko batemera Ubutumwa bw'Imana. Ntabwo bizera Ubutumwa.

⁹³ Ariko abizera igihe cy'Imana turimo, ibi bintu ni Ibiryo byihishe kuri bo. Tekereza gusa, Imana yarabihishe ku buryo bareba neza ntibabibone. Nk'uko Eliya yahumye amaso ingabo za Siriya. Ni uburyo bumwe Imana ihuma abatizera ku Biryo by'ukuri by'umwana, umwizera.

⁹⁴ Icyo bise Nowa, “umufana,” kubaka inkuge, amaso ye yari aya hanze kw'Ijambo ry'Imana n'amasezerano. Ikintu nyine bise ubufana, cyakijije Nowa n'umuryango we. Reba, cya kintu kimwe. Ibyo abantu bahindura urw'amenyo ni byo dusengera. Ibyo abantu bita “iby'abasazi” ni byo twita “Ibihebuje!” Icyo isi yita “ibikomeye,” Imana ibyita “ubupfu.” Kandi icyo isi yita “ubupfu,” Imana ibyita “Ibikomeye!” Ni itandukaniro rwose hagati y'Icyiza n'ikibi. Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsu ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose.

⁹⁵ Mwibuke, yinjiye ahantu h'ibanga kubera gahunda y'Imana, kubera ko Imana yari imuhamagaye, kubera Ijambo ry'Imana. Eliya yinjiye ahantu he h'ibanga kubwo kumenya gahunda y'Imana, n'umuhamagaro urebana n'ubuzima bwe, kandi

akurikije Ijambo. Niba atari bwo buryo twinjiyemo, sinumva ukuntu twahageze.

⁹⁶ Menya ko, mbere y'uko amapfa atangira, Eliya yagiye aha hantu hihishe kugira ngo abeho. Urugero rwiza cyane mbere y'uko urubanza rutangira gukubita isi, Itorero rimaze guhamagarwa, Umugeni yamaze gutegurirwa, aho gutegereza mbere y'uko urubanza rucibwa. Mwamaze gutegereza, kurya ibiryo by'Imana, kwishimira imigisha y'Imana. Umuntu uwo ari we wese mu bitekerezo bye bisanzwe azi neza ko tugana, mw'isaha y'urubanza.

⁹⁷ Mwitgereze! Mwene Data Banks, benshi mu bagabo bari hano kuri uyu mugoroba, muhagaze kuri uriya musozi muri cya gitondo.

⁹⁸ Ndashaka kuvuga kuri uriya musozi, ku Cyumweru gitaha, Uwiteka nabishaka. Mfite ihishurirwa rikomeye, ni ibintu ntakwihanganira kutabibabwira kuri uyu mugoroba. Ariko rero mfite... Murabona? Kandi birakomeza kuza buri kanya, bigenda bikurikirana. Murabona? Ntabwo bizigera bihagarika kubaho, kuko ari byo UKU NI KO UWITEKA AVUZE.

⁹⁹ Buri muntu muri mwe uri hano, mwanyumvise incuro nyinshi mvugira ku mfatamajwi, mvuga nti: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE, bizagenda *gutya* na *gutya*." Ndetse n'ibinyamakuru biremeza ko ari ko bimeze. Ntibazi icyo bisobanura ariko barabibonye. Ntibazi icyo bisobanura ariko barabibonye, bikaba bihamya ko Ijambo ari ukuri.

¹⁰⁰ Twari duhagaze hepfo aha ku mugezi, Umumalayika w'Imana aramanuka, hashize nk'imyaka mirongo itatu n'itatu, bishobora kuba hari muw'1933, nuko aramanuka avuga ibintu Yakoze. Abantu benshi barasohotse bahagarara ku nkombe nuko barabaza bati: "Billy, ibyo ni ibiki?"

¹⁰¹ Ndasubiza nti: "Si njye byari bigenewe; ni mwebwe byari bigenewe. Ndizera; mwebwe ntimwizera." Nuko ndikomereza.

¹⁰² Nuko pasitori arambwira ati: "Urashaka kuvuga ko wowe, wize amashuri arindwi abanza, uzazenguruka isi usengera abami n'abakomeye n'abandi bose? Nuko, yoo," aravugaga ati: "Yewe, byibagirwe!"

¹⁰³ Sinashoboraga kubyibagirwa, byari byiyanditse mu mutima wanjye. Noneho hano, nyuma y'imyaka mirongo itatu n'itatu, ibyo yavuze byose byagenze neza nk'uko yavuze ko azabikora. Ni Imana kandi ntishobora gutsindwa. Buri gihe Ikomeza Ijambo Ryayo. We... Ntuzigere ushidikanya.

¹⁰⁴ Ubu noneho, mwitgereze, yagendeye kuri gahunda y'Imana (kumenya mbere), ijwi ry'Imana n'Ijambo ry'Imana, kandi agenda mbere y'uko amapfa atera.

Noneho, tuzi ko igihe cy'urubanza kigeze ngo rutangire.

¹⁰⁵ Igihe twari duhagaze kuri wa musozi uwo munsu, Mwene Data Banks Wood nawe yari ahari, arimo guterera umusozi. Wenda reka mbisubiremo, kugira ngo mugire ukwizera gukomeye muri iri sengesho rigiye kuba mu minota icumi, cumi n'itanu. Nari ndimo kugenda imbere ya Mwene Data Banks. Yari... Ndatekereza ko yari yasize Mushiki wacu Ruby arwaye. Yagendaga inyuma yanjye, murebye mu maso, nsanga haratukura. Ndeba inyuma. Natekereje ko umusozi wamugoye kuwuzamuka, ni yo mpamvu nagenze gahoro. Mu butayu, tuzamuka imisozi nk'uriya, aho Abamalayika b'Imana bigaragarije. Twaganaga muri icyo cyekerekezo, aho Bari bamaze amezi make babonekeye abantu.

¹⁰⁶ Mu gihe nari ndimo kuzamuka umusozi, Umwuka w'Imana... Mu gihe mpidukiye ndeba inyuma, ndeba mu mpinga z'umusozi, Aravuga ati: "Toragura iryo buye maze umubwire uti: 'UKU NI KO UWITEKA AVUZE, uri bubone Ubwiza bw'Imana mu masaha macye ari imbere.'"

¹⁰⁷ Nuko mfata rya buye maze ndavuga nti: "Mwene Data Banks, sinzi impamvu," narijugunye mu kirere, mvuga nti: "UKU NI KO UWITEKA AVUZE, ugiye kubona Ubwiza bw'Imana."

Aravuga ati: "Byashakaga kuvuga Ruby?"

¹⁰⁸ Ndavuga nti: "Oya, ndatekereza ko ntaho muhuriye, yaba wowe Banks cyangwa Ruby, umwe muri mwe. Ndatekereza ko byashakaga kuvuga gusa ngo: 'UKU NI KO UWITEKA AVUZE, hari ikintu kigiye kuba.'"

¹⁰⁹ Mu gitondo gikurikiyeho, igihe twari duhagaze hariya, abagabo benshi ntamenya umubare bari bahicaye, twari nka cumi na babiri cyangwa cumi na bane cyangwa cumi na batanu twicaye hariya. Muri ako kanya, umukozi w'Imana aranyegera nuko arambwira ati: "Mwene Data Branham," aravuga ati: "izina ryanjye nitwa *Gutya-na-gutya*." Yongeraho ati: "Nari umwe mu baterankunga banyu b'i Kaliforniya."

¹¹⁰ Nanjye nti: "Nishimiye kukumenya, mugenzi wanjye." Douglas McHughes. Aravuga ati: "Ni..." Ndavuga nti: "Nishimiye kukumenya." Nuko duhana ibiganza.

¹¹¹ Aravuga ati: "Ni byiza, ubu, ngiye kukubaza ikibazo." Ati... Roy Roberson, umwe mu bagize inama y'ubutegetsi; Mwene Data Wood, Terry na Billy, na, yoo, Mwene Data McAnally, n'abandi ntazi bahagaze hariya. Nuko Nda... Aravuga ati: "Ndashaka kugira icyo nkubaza." Aravuga ati: "Ese hari ubwo Imana ijya iguha amayerekwa nk'aya?"

¹¹² Ndavuga nti: "Yego, Mwene Data, ariko naje hano kugira ngo mbivemo niruhukire."

Nuko ndeba hirya no hino nka *gutya*, maze mbona umuganga w'ibigango wamwitagereza nuko aravuga ati:

“Revera. McHughes, ubwo burwayi buri mu jisho ryawe vuba buzatuma ripfa. Maze imyaka ibiri nkuvura, nta kindi nakumarira.”

Ndahindikira ndamwegera. Ndavuga nti: “Ibyo wambajije, umuganga wawe yakubwiye, ejobundi, ‘Ubwo burwayi buri mu jisho ryawe.’” Hari ku manywa, nka saa tanu, kandi yari yambaye indorerwamo z’izuba. Ndamubwira nti: “Impamvu; ni uko utazambaye kubera izuba, ahubwo ari ukubera iryo jisho ryawe. Yakubwiye ko ‘iryo ijisho rigiye gupfa.’”

Nuko atangira kurira agira ati: “Ni byo koko.”

¹¹³ Ndahindikira ntangira kugendagenda, mfite igitiyo mu ntoki. Nuko ndebye; nsanga arahagaze anyitegereza, ankanuriye amaso. Ndamubwira nti: “UKU NI KO UWITEKA AVUZE, iryo jisho ryawe ntabwo rigipfuye.” Muri uyu muhindo ushize, twajyanye guhiga nta n’umwe umurusha kureba yaba nje cyangwa undi wese muri iyi mbaga. Nta na rimwe. . .

¹¹⁴ Nigeze kubona umukecuru yambara amasogisi anazamura uruhande rumwe rw’ijipo ye. Arambwira ati: “Mwana wa, nubona Mwene Data Branham, umumbwirire asengere ibirenge byanjye.” Nanjye ndebye, mbona gato. . . mbona ibintu byari bimeze nk’ibibyimba ku birenge bye, hose.

¹¹⁵ Ndamubwira nti: “Mama wawe ni umugore ufite umutwe wuzuye imvi. ‘Mwana wa,’ urabona. Mbere y’uko uza yakubwiye ngo numbona umbwire nsengere ibirenge bye. Afite utubyimba hose ku birenge.” Yabaye nk’ukubiswe n’inkuba.

Aransubiza ati: “Ni ukuri.”

Ndavuga nti: “Mubwire ntagire ubwoba. Bizagenda neza.”

¹¹⁶ Ntangira kuzenguruka hirya no hino. Ni bwo numvise Ijwi ry’Imana rimbwira ngo: “Gira vuba uve mu nzira.”

Roy Roberson uhagaze hariya, yarwanye intambara nyinshi, Narambitse ikiganza cyanjye ku rutugu rwe, ndamubwira nti: “Mwene Data Roy, kora uko ushoboye wihishe!”

Ati: “Ikibazo ni kihe?”

Ndamubwira nti: “Va mu nzira! Ihishe!”

¹¹⁷ Nuko ntangira kugendagenda hirya no hino, nshyira igitiyo hasi, ndahindikira, nkuramo ingofero. Nuko Ubwiza bw’Imana buramanuka nk’inkubi y’umuyaga isatura uruhande rumwe rw’umusozi nka gutyo, no guturika no kunyeganyeza ahantu nk’aho, icagagura ibihuru hejuru; nko muri metero imwe, ebyiri cyangwa eshatu hejuru yanjye. Nuko bigaruka bimeze nk’umubirikira nka gutyo; Birongera biraturika. Nuko, Biza hano, inshuro eshatu.

¹¹⁸ Bimaze gusubirayo ku ncuro ya gatatu, Mwene Data Banks aranyegera arambwira ati: “Biriya ni byo wambwiraga?”

Ndamusubiza nti: “Yego.”

Arabaza ati: “Byari ibiki?”

¹¹⁹ Ndamubwira nti: “Imana yigaragariye mu nkubi y’umuyaga.” Sinzi niba yashakaga kugira icyo ibwira rubanda.

¹²⁰ Nuko ndakomeza ndasenga ho gato. Nyuma Imbwira ko nshobora kubabwira ibyabaye. Ndavuga nti: “Ni Inkombe y’Iburengerazuba irimo gucirwaho iteka.” Itegereze uko imeze ubu! Itegereze ibyabaye amasaha macye ibi bibaye: Alaska yibiye mu mazi. kandi noneho ako gace kose kagiye kujya munsu y’amazi. Twinjiye mu bihe by’urubanza. Abantu banze kwakira Impuhwe.

¹²¹ Ariko Imana ishimwe, dufite Ibiryo byari byarahishwe, ibyo kurya by’Umwuka, kubera ko dutunzwe n’ubuntu n’imbabazi byagaragariye muri Yesu Kristo muri iyi minsi ya nyuma, akishurira We ubwe mu bantu Be. Amina! Barinjiye. Eliya yarinjiye mbere y’uko amapfa atera. Imana ishimwe kuba iri kumwe natwe mbere y’uko urubanza rutangira. Ubu noneho ni igihe cyo gusohoka no kwinjira, gusohoka muri ayo madini tukinjira muri Kristo, iki ni igihe cyo-gusohoka n’icyo-kwinjira ku bizera bose b’ukuri.

¹²² Nuko arahamagarwa, kandi aguma aho. Mwibuke, ntiyigeze ava iruhande rw’ako kagezi kugeza igihe Imana ibimubwiriye.

¹²³ Amapfa arangiye, Iramuhamagara imukura aho hantu, imwerekeza mu rugo rw’umupfakazi. Mwitegereze, Yahamagaye uyu mupfakazi. Kandi uyu mupfakazi ntiyari yarigeze yifatanya n’abatizera; bari baratoye ikimenyetso cy’igikoko muri icyo gihe cy’amapfa. Nuko Ihamagara uwo mupfakazi... Ihamagarana Eliya ngo aze afashe uwo mupfakazi. Bari bafite akagati kamwe, ni ko yari asigaranye. Nuko Eliya aravugaga ati: “Banza ukampereze. Kubera ko, UKU NI KO UWITEKA AVUZE, icyo cyibo cyawe ntikizaburamo ifu, n’urwabya rwawe ntiruzaburamo amavuta, kugeza igihe Umwami Imana agushirije imvura kw’isi.” Imana igomba kuza mbere ya byose, Ijambo Ryayo rigomba kuza mbere ya byose!

¹²⁴ Mwitegereze, mu kibo hahoragamo ibiryo. Buri gihe nyuma yo kurya, ikibo cyarongeraga kikuzura. Mu rwabya hahoragamo amavuta, aho ayashakiye hose. Kubera iki? Igaburo ryashushanyaga Kristo mu gitambo-cy’igaburo. Impeke zagombaga gutunganywa, kugira ngo buri ruheke muri zo barusye. Buri ruheke rw’izi ngano, neza neza rwerekanaga ko uko yari ari ejo, n’uyu munsu ari ko ari, kandi ko ari ko azahora iteka ryose. Iryo ryari Ijambo, Umutsima w’Ubugingo uje ukurikiye ubutumwa kugira ngo bihamirize Ijambo.

¹²⁵ Nshuti, n’uyu umunsu ni ko biri. Ni ko bimeze uyu munsu, Umugati w’Ubugingo abana barya, ushushanya Ubutumwa bw’Imana, bubatunga mu gihe cy’amapfa. Mbese byagenda bite aramutse Ahagaze imbere yacu uyu munsu? Byagenda bite aramutse Ahagaze imbere yacu? Yakora kandi agakora neza

nk'uko yabikoze mu minsi yari mu mubiri hano kw'isi. Umugeni ni urugingo rw'Umugabo, Itorero ni rimwe na Kristo. "Imirimo Nkora namwe muzayikora." Kandi Ijambo ni ryo ryabikoze. Yatubwiye ko ibintu Yakoze natwe tuzabikora.

¹²⁶ Twongere turebe neza, niba Ijambo riturimo kandi rikaba ryaraje iwacu, nk'uko Ryageze kuri Eliya muri bya bihe, Rizakora nk'ibyo yakoze, yari gutungwa n'Ibintu bihishe by'Imana byahishwe isi. Yoo! Bituma Ubutumwa n'intumwa biba ikintu kimwe. Ibiryo by'Umwuka birateguye, iki ni cyo gihe gikwiriye. Kandi buri wese muri mwe ashobora kubona ibi Biryo niba abishaka, niba wifuza kwiyaka ukutizera ko muri iki gihe, niba witeguye kwinjira muri Kristo, ngo uze mu masezerano Ye.

Kandi mwibuke amasezerano Ye, muri Malaki 4, Luka 17:30, no muri Mutagatifu Yohana 14:12, no mu bindi Byanditswe byinshi, bivugwa, muri Yoweri 2:38, ibyo yari gukora, cyangwa 2:28, ahubwo, ibyo Yari kuzakora muri iyi minsi ya nyuma. N'ukuntu umuhanuzi yavuze ko muri iyi minsi hari kubaho Umucyo, uburyo Wari gukora, n'ibyo Wari gukora, Ibyanditswe byose bikaba bitunga agatoki kuri iyi minsi ya nyuma. Kandi uwo ni Kristo! Niba ubu mushobora kwihisha muri Ibyo, muri Ahantu hihishe, mushobora kurya mukabona ibyiza n'imbabazi z'Imana. Niba urwaye, aho hantu hari umuti.

¹²⁷ Muribuka igihe Elisha, nyuma, ubwo yahamagaraga... Nyuma y'iryo turo ry'ifunguro yari afite, Kristo, kandi atunga inzu y'umupfakazi hamwe na Ryo. Mwibuke ukuntu yahamagaye umuriro ukamanuka mu majuru, n'ibindi n'ibindi, bityo akagaragaza ko yari yatumwe n'Imana koko, n'Umwuka w'umuhanuzi.

¹²⁸ Mwibuke mu butayu, igihe yari aryamye muni y'igiti cy'umurotemu, Umumalayika akamuzanira ibiryo nka byabindi, akamutekera umutsima akamugaburira. Nyuma yaho gato, arongera araryama, aramukangura, maze amutekera utumanyu tw'umutsima twinshi two kurya. Agendera mu mbaraga z'iyoye mitsima iminsi mirongo ine. Imana ihabwe icyubahiro! Uko yari ejo, n'uyu musu ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Yoo, mbega ukuntu tumukunda, Ibiryo by'umwuka mu gihe cyabyo!

¹²⁹ "Ntabwo bikwiye gufata umugati w'abana ngo uwujugunyire imbwa." Mbese Yesu ntiyavuze nk'ibi ku mugore w'Umunyasiriya? Yoherejwe ku Bwoko Bwe. Uko ni ko bimeze. Kandi ni We waje... Ntiyigeze ajya mu Banyamahanga.

¹³⁰ None ubu Aragenderera Abanyamahanga mu gihe cyabo, kandi ntibikwiye...

¹³¹ Muravuga muti: "Kuki Ubutumwa butagera ahantu hahurira abantu benshi, ibyo biterane binini, nko hagati mu madini?"

¹³² Ntabwo ari Ibiryo byabo. Ntabwo ari Ibiryo by'Itorero, nk'uko babyita, Ibiryo. Ni Ibiryo by'Umugeni. Ni Ibyo kurya

by'umwuka by'igihe. Byatuma bo bamererwa nabi mu gifu. Bikungahaye ku ntungamubiri ku buryo batabishobora. Murabona? Murabona? Nti—nti—ntimwabikora. Ariko ku bana, ni Umugati, Ni Ubugingo, ni Yesu Kristo, uko yari ari ejo, ni nako ari uyu munsu kandi ni ko azahora iteka ryose.

¹³³ Turibuze gucyererwa cyane nitudatangira umurungo w'amasengesho nonaha, kubera iyo mpamvu reka twunamishe imitwe akanya gato.

¹³⁴ Mana dukunda, Ibyo kurya by'umwuka by'igihe, Ibyo kurya by'Umwuka. Ibyo isi ntacyo ibiziho. Twumvise uko Umwam iyavuze rya joro cyangwa cya gihe ari i Samariya, hahandi Elisha yagiye maze akavuga ngo: "Kubera iki, nta rume ruzongera gutonda keretse mbitegetse." Aha ni ho Yesu yari ahagaze aganira n'abigishwa Be.

Baramubajije bati: "Mwigisha, kubera iki Utarya?"

Arasubiza ati: "Mfite Ibiryo mutazi."

¹³⁵ Ni ukuri, Mwami, Ibiryo Bye byari ugukora ugushaka kw'Imana, byari ukureba imirimo y'Imana irimo kwigaragaza mu gihe Cy. Yagombaga kureba ko byakozwe. "Nta kintu nkora Data atabanje kukinyereka. icyo Data anyeretse ni cyo nkora."

¹³⁶ Kandi, Dawe, ni nako bimeze ubu. Itorero, abizera b'ukuri, Umuryango w'abizera ufite uburenganzira ku Biryo, Ibiryo by'umwuka, ibyo abanyamadini batajya bamenya. Isi ntacyo izi kuri ibyo Biryo, Data. Ariko Itorero Ryawe, ubwoko Bwawe, Umugenzi w'Umuhungu Wawe, Ibyo barabikunda.

¹³⁷ Dufite uburyo bwo gukira indwara mu mibiri yacy mu gihe abaganga bananiwe. Dufite uburyo bwo kugera kuri ibi. Ni ubwoko bumwe bw'Ibyo kurya by'Imana, ibyo iha Itorero Ryayo, ikaba yarabisezeranije abana Bayo bizera muri iyi minsi y'imperuka. Dawe, dufashe kuba abana bizera, kubera ko byose bishobokera abizera. Biduhe, Mana nziza. Tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

¹³⁸ Ndumva Billy yambwiye ko barimo gutanga amakarita yo gusengerwa. Umuntu arajya ambwira inyuguti iri kw'ikarita ye yo gusengerwa, ibyo ni byo nshaka. [Umuntu umwe aravugaga ati: "C."—Ubwanditsi.] C, ni byo, reka dufate C, umwe, arabanza kugeza igihe umurungo utangiriye. Murabona, byose bishobora kurangira. Ubu rero, niba buri wese... Yewe, ngiye kubigerageza. Sinzi niba tuza kubishobora. Ikindi, dushobora kugira umurungo wo guhamagara; Mwicariye mutuje. Ntacyo bitwaye kuri njye. Muramutse muhisemo kuza hejuru hano, cyangwa mugahitamo guhamagara, njye icyo mwahitamo cyose ntacyo bintwaye. Njye Umwuka Wera ni wo unyobora. Ni We utuma nshobora kurwanirira Ijambo nabwiririje.

¹³⁹ Mwene Data George Wright, Ibyo ndabyizera. Kuva nkiri n'akana gato, igihe nazaga iwawe hashize imyaka myinshi,

numvaga umuyaga mwinshi uhuha muri cya giti, ndizera ko Ubutumwa butahindutse. Ndizera ko ari bumwe.

¹⁴⁰ Ndabona barimo gutegura inyuma hariya kugira ngo umurongo w'amasengesho utangire. Ni byiza, ikarita yo gusengerwa yanditseho C, uwambere, uwakabiri, uwagatatu, uwakane, uwagatanu, mubanze muze muhagarare hano. Niba udashobora guhagarara, uzamure ikiganza, hari abantu baribuze kugufata. [Hari umuntu uvugishije Mwene Data Branham—Ubwanditsi.] (Ni ibiki? Yego. Hum-hum.) Ikarita y'amasengesho C, imwe, ebyiri, eshatu, enye, eshanu. Noneho umenya, wowe udafite ikarita yo gusengerwa. . .

¹⁴¹ Noneho, ntabwo ndigera ngira umurongo w'amasengesho ureshya utya hashize igihe kirekire, kirekire. Ni bangahe bibuka ibyo nakoze igihe twubakaga urusengero hano? Yarambwiye ngo: “Kora umurimo w'umuvugabutumwa.” Sinigeze mbabwira ko ndi umuvugabutumwa. Ati: “Kora umurimo w'umuvugabutumwa,” murebe, “kuko igihe kizaza ibyo bigahinduka.” icyo gihe kirageze. Byose. Noneho, muri ibi, We. . .

¹⁴² Ntushobora kuvanga minisiteri ebyiri cyangwa eshatu zitandukanye, pasiteri n'umuvugabutumwa, icyarimwe. Ntushobora kuba u—umuhanuzi kandi na none umushumba, icyarimwe, murareba, 'kubera ko ufite imirimo itandukanye, umuhamagarar utandukanye.

¹⁴³ Ariko Uwiteka yampaye icyo ngomba gukora mu Butumwa bwanjye. Ariko Aravuga ati: “Kora umurimo w'umuvugabutumwa, kora gihamba yuzuye y'umurimo wawe, kuko igihe kizagera ubwo batazihanganira Inyigisho zumvikana.” Niba ibyo bitaje nonaha! Amadini yose y'itorero yaranyanze. Ntabwo bari kwihanganira Inyigisho zumvikana. “Ariko nyuma yo kwifuza kwabo bazazana abigisha babo, kandi bazahindurwa icyo ry'imigani. Kandi bazakora ibintu bikomeye bitangaje nk'uko Yari na Yambure bahanganye na Mose, ariko ubupfu bwabo buzagaragara.” Murareba? Murareba? Ni byiza, kwigana! Murabona uko Yambure. . .

¹⁴⁴ Kandi, Imana yo mw'Ijuru irabizi, iryo rirambitse hariya mu mfuruka-. . . (y'uru rusengero). . . -ibuye kuva 1933, byanditswe ku rupapuro rwa Bibiliya, ni ho biri. nimurebe uko babikoze. Nimurebe ibizaba. Kwigana, gusa. Aravuga ati: “Nibareke, ubupfu bwabo buzamenyekana nk'uko Yane na Yambure byagenze.” Hano turi kuri uriya muni.

¹⁴⁵ Nabonye urusengero igihe twashyiragaho ibuye ry'ifatizo, abantu bari mu madirishya no hirya no hino, bahagaze aho hose bakikije urusengero. Ngayo nguko. Baravuga ngo, iyo bigeze, abaturage b'umuji hano, baravuze ngo: “Mu gihe cy'amezi atandatu. . .” Twifashishije idorari rimwe n'amasentimu mirongo inani yo kubaka urusengero, abantu bakora mu

magaraji bari bavuze ko bazahashyira igaraji. Ariko ubu ni ikiraro cy'Intama z'Imana.

¹⁴⁶ Rimwe, kabiri, gatu, gatanu, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi. C, gatandatu, karindwi, umunani, icyenda, icumi. Ni ibyo.

¹⁴⁷ Ubu rero, “Njyewe, Umwami naragiteye, nzakivomerera amanywa n'ijoro hato hatagira ugikura mu biganza Byanjye.” Mwitegerereze ibyo baturega! Nta dini na rimwe ribishyigikiye. Nta torero na rimwe mu gihugu ribikunda. Nta Mupentekoti n'umwe mu gihugu ubishyigikiye. Buri wese arwanya umubatizo w'amazi, buri wese arawurwanya. Ndetse n'abo mu muryango wanjye, papa wanjye ubwe yaransohoye, imyenda yanjye nayitwaye mu gafuka gakozwe mu mpapuro njya kuba muri New Albany. Ni byo.

Ariko naciye mu bigeragezo, mu miruho
n'imitego myinshi,
Nari namaze kuza;
Ubuntu bw'Imana ni bwo bungejeje aha,

Mfite imyaka mirongo itanu n'itandatu, kandi vuba aha ngomba kwambuka umugezi.

Ubuntu buzamperekeza.

Iyo mazeyo imyaka ibihumbi icumi,
Umucyo urabagirana nk'izuba;
Ntabwo tuzongera kugira iminsi mike yo
kuririmba ishimwe ry'Imana
Nk'uko byahozeho kw'itangiriro.

Yoo, mbega ukuntu nkunda Yesu! Ni isi yose kuri njye!

¹⁴⁸ Yoo, ibyo birahagije, ni bangahe na...? Harya nari nagarukiye he, kw'icumi? Dushobora gufata abandi icumi? Ni byo. Nari ngeze kuri kangahe, kw'icumi, cumi na gatanu? Ni byo. C, icumi kugeza kuri cumi na gatanu, aho muri hose, muhaguruke mwinjire. Mvuge iki? Yoo? Ni byo. C, cumi na gatanu kugeza kuri makumyabiri, bityo. Kuva kuri cumi na gatanu kugeza kuri makumyabiri, baraba C. Ubwo haraba hiyongereyeho abandi bantu icumi. Turabona... Mura—murebe aho uriya murongo uhagaze, ntitubasha ku—kubageraho neza. Kandi turaza... Ni byo.

¹⁴⁹ Ubu noneho, muntege amatwi; ntabwo dutinda. Ariko, noneho, yoo, turi ku yihe saha, ni gihe ki! Ndi—ndifuza ko buri wese yakunda Umwami. Njye—njye icyampa ngo buri wese waje hano ibyiza byo kuba turi hano bimugereho. Reka tubigerageze. Muntege amatwi.

¹⁵⁰ Ni—ni iki dushaka gukora hano? Turimo kugerageza Ijambo ry'Imana. Eliya na we yarabikoze, yatereye umusozi akimara kumenya ko yoherejwe n'Imana ngo abikore. Yaravuze ati:

“Noneho, reka tugaragaze Imana, tureke Imana isubiriza mu muriro ibe Imana.”

¹⁵¹ Naho abatamera, yoo, baravuga ngo: “Yego, ni byo koko, oya . . .” A—abatizera ntibari bazi ko umuriro ugiye kumanuka, ni yo mpamvu basakuzaga bakikomereza ibyo barimo.

¹⁵² Ariko Eliya yari azi ko ugiye kumanuka, kubera ko Imana yari yarabimweretse.

Muravuga muti: “Yari yarabyeretse?”

¹⁵³ Ni ko bimeze! Ibintu byose bimaze gutungana, yaravuze ati: “Mwami, ibi byose nabikoze kubw’itegeko Ryawe.” Nuko umuriro utangira kumanuka. Iyo Ijambo ry’Imana ryubahirijwe uko ryanditswe, noneho ni ah’Imana kwita ku bisigaye bijyanye naryo. Gusa aragusaba kubishyira hanze. Kandi umenye neza ko wahamagariwe kubishyira hanze. Murabona? Nimubigenza mutyo, ibindi izabyikorera.

¹⁵⁴ Noneho rero, hari abantu baza guturuka muri uyu murongo ndibube nsengera . . . Noneho, ni byiza, muri hafi y’urukuta ubungubu, mwese, ku murongo dutangire. Noneho, ubanza, byibuze ahantu runaka hano mu nyubako, abantu bamwe . . .

Ni bangahe hano barwaye kandi badafite ikarita yo gusengerwa, nimuzamure ikiganza cyanyu. Murebe, hirya no hino. Noneho, uzi niba Umwami wacu . . . Kandi nizera ko Azabikora, niba uko Yari ari ejo, n’uyu muni ari ko ari, kandi ari ko azahora iteka ryose. Akoresha imirongo y’amasengesho. Abantu baza kuri We ku murongo munini, imbaga, Akabakoraho, abaha umugisha. Hanyuma Agaceceka gato, akavuga ati: “Ni nde unkozeho?” Areba hirya no hino, abwira umugore impamvu yamukozeho; amubwira ko ikibazo cy’amaraso ye cyarangiyeye, kwizera kwe kwaramukijije.

¹⁵⁵ Byagenda bite se niba yarahindukiye akavuga ati: “Ni byiza, sinamenya, Mwami, byambayeho igihe kirekire”? Ntabwo byari kubaho. Oya, ntabwo byari kubaho. Oya.

¹⁵⁶ Byagenda bite aramutse abwiye Umunyasiriya ati: “Kubera iri jambo wavuze, umukobwa wawe, satani dayimoni yamuvuyemo,” byagenda bite uramutse uvuze uti: “Noneho, Mwami, njye—njye nashakaga ko ubikora *gutya*”? Da—dayimoni yaba akiri muri uwo mukobwa. Ariko yari yiteze ko azabona umwana we nk’uko Yavuze ko azamubona.

¹⁵⁷ Noneho, yaraturwiyeye ati: “Niba ushobora kwizera! Niba ushobora kubwira uyu musozi uti: ‘Imuka,’ kandi ntugire gushidikanya mu mutima wawe, ariko wizere ko ibyo wavuze bizasohora, ushobora kubibona. Iyo usenga, wizere ko ubyakiriye, uzabihabwa.” Mbega amasezerano!

¹⁵⁸ Ku birebana n’abigisha ubutumwa budashingiye ku gakiza, ntimuzabemere na gato. Umuntu ashobora kuza ku rugi, akareba mu nzu cyangwa agahagarara, maze akavuga ati: “Ni

akandi gatsiko k'abarokore,” yarangiza akagenda. Murabona? Ariko ntabwo azi ko ibi ari Ibiryo bihishye. Ntazi ko ari cyo Kintu cy'ibanga gihishemo. Ntabizi. Bi—bi—birababaje, ubwenge bwambaye ubusa, bubi, impumyi, kandi utanabizi. Murareba? icyo ni ikintu kibi.

¹⁵⁹ Yoo Mana, reka mbanze mpfe, ariko ntuzigere umfata gutya. Nahitamo gupfa (yego, mugenzi) kuruta kubikora. Ntekereza ko buri wese muri twe yabikora, si byo se?

¹⁶⁰ Ariko Imana yadusezeranije ibi bintu muri iyi minsi y'imperuka. Muri Malaki 4, havuga ko Yesu Kristo yari kuzaza ubwe akigira umuntu wambaye umubiri nk'uko Yabigenje i Sodomu. Ni byo. Handitswe kandi ko isi izaba imeze nko mu gihe cya Sodomu. Ati: “Nk'uko byari bimeze icyo gihe, Umwana w'umuntu azahishurwa muri iyo minsi.” Murabona, uyu Muntu waje mw'ishusho y'umuntu, yari “Elohim,” binyuze kuri Aburahamu, mbere y'uko umwana w'isezerano aza. Nimurebe uko byari bimeze, Aburahamu yavuze ko yari Imana. Na Bibiliya ivuga ko abagabo batatu bamugendereye, imyenda yabo iriho ivumbi, n'uko baricara, bararya nk'abantu. Yesu yaravuze ngo: “Mu gihe isi izaba igeze nko mu bihe by'i Sodomu, ni bwo Umwana w'umuntu agomba kongera kwihishura Ubwe.” Ntabwo ari Umwana w'Imana, Umwana w'umuntu, murebe, agomba kwigaragaza Ubwe.

¹⁶¹ Dore icyo umuhanuzi wanyuma yavuze, “Dore mboherereje Eliya umuhanuzi, na we azagarura i—imitima y'abana ku ya ba se.” Murareba? Ubutumwa bwo kubagarura muri Bibiliya, kandi Umwana w'umuntu azigaragaza kuri uwo munsu. Kandi kuri uriya munsu wo kumvikanisha ibihe by'itorero rya nyuma, umumalayika wa karindwi, ubwiru bw'Imana bukwiye kumenyekana muri kiriya gihe. Ibimenyetso birindwi byari kumenwa. Amabanga y'aya matorero yose n'ibindi, uburyo yabayeho, ndetse n'ibyakurikiyeho . . . uburyo, ibyo byabayeho.

¹⁶² Murabona, ntibabizi. Yesu yaravuze ati: “Mwa Bafarisayo b'impumyi mwe!” Yongeyeho ati: “Niba impumyi iyoboye indi, mbese bombi ntibagwa mu rwobo?” Murabona, ni yo mpamvu abantu batabona ibyo.

¹⁶³ Ubwiru bwa Ryo, ni, ibyo Bimenyetso, buri torero muri ayo matorero ryakoze idini ririnjiramo, kandi akaba ari kimwe mu bintu by'ibanga bitari byiza mu maso y'Imana. Murabyumva, Dogiteri Lee? Nimwitegereze, murebe. Ni cyo. Kiriya kintu kiri hariya. Ni rimwe mu mabanga. Barabiteguye kandi, murareba, ntibyari mu bushake bw'Imana. Kandi bizashyirwa ahagaragara mu minsi yanyuma, kandi uyobore abantu, ntabwo ari imyizerere cyangwa idini, ahubwo ni ugusubira kw'Ijambo ry'ukuri. Kandi Ijambo ry'ukuri rizasanga itsinda rimwe ry'abantu, hanyuma Umwana w'umuntu azigaragaze hagati muri bo, “uko yari ejo, n'uyu munsu ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.”

¹⁶⁴ Mbega! Ndabikunze cyane. Nkunda—nkunda kumwiratana. Nkunda—kumwamamaza imbere y’abantu. Ntabwo akeneye ko mugira mugari. Asanzwe ari mugari. Ni muremure ku buryo nta n’umwe umusumba, We ntawamujya muni mu bujyakuzimu, ni na mugari ku buryo We ntawamuzenguruka, nyamara ushobora kumwakira We mu mutima wawe. Waba ushaka kumwakira? Mbega ukuntu Umwami wacu ameze! Ni byo.

¹⁶⁵ Reka noneho dutuze, buri wese. Rero twaganiriye kuri Ibi. Kandi ikiri cyo, ni uko ari byo, mbese si ukuri? Hano hashobora kuba hari abantu tudasanganywe. Nshobora kubabwira nti... niba Kristo uko yari ari ejo, ari nako ari uyu muni akaba ari nako azahora iteka ryose, kuri uyu munota yakora iki? Yakora nk’ibyo yakozwe akiri hano kw’isi. Si byo? Ukwizera kw’abantu kwakora ku myenda Ye, maze na We agahindukira. Nk’uko yabigenje igihe yari kumwe n’umugore kw’iriba, ni ko yabigenje n’ahandi, kandi Yasomaga ibitekerezo byabo.

Ubu uribaza uti: “Ese Ashobora kunkiza?”

¹⁶⁶ Ijambo Rye rivuga ko ibyongibyo Yarangiye kubikora. Ariko ikiri cyo, ni kwimenyekanisha We ubwe ko ari hano.

¹⁶⁷ Noneho, Aramutse atwigaragaraye yambaye umubiri, ameze nk’uko agaragara mw’ishusho yakozwe na Hofmann yitwa *Umutwe wa Kristo ku myaka mirongo itatu n’itatu*, amaraso amuva mu kiganza, n’ibindi, inkovu z’imisumari ku mubiri wose, sinabyemera. Oya, oya. Oya, oya. Naza, We ubwe, “buri maso azamubona, buri rurimi ruzamwamamaza; kandi umurabyo uva iburasirazuba ugana iburengerazuba, ni ko bizagenda.” Murareba? Ntabwo twizera iyi migenzo n’amasano. Twizera ko Imana ari Ijambo.

¹⁶⁸ Ariko We Ubwe yambaye umubiri, afashe umubiri wawe n’uwanjye, akaguhira impano, akampa impano, hanyuma akigaragariza muri izo mpano. Ni byo Biryoyibanga. N’ubwo yaba We Ubwe yamenyekanisha byinshi kuri njye, mugomba kubyizera, mugomba kugira impano yo kwizera kugira ngo mubyizere. Murabyizera? [Iteraniroriravugari riti: “Amina.”—Ubwanditsi.] Ese We niyigaragaza muri ubwo buryo, Muzamwizera? [“Amina.”] Muzamwizera n’umutima wanyu wose, muzamwizera? Yoo, mbega byiza, kumutegereza, ugategereza ibyo We avugaga.

¹⁶⁹ Hano hari umugabo uhagaze hano. Sinigeze mubona mu buzima bwanjye, nk’uko mbizi. Arasa n’umuntu mwiza, ukomeye, ufite ubuzima bwiza, kandi bishora kuba ari ko bimeze, si—si—simbizi. Ariko ahagaze hariya. Ubu, nshobora kumuramburaho ibiganza nkamusengera, nkamubaza niba yizera. Ashobora guhagarara hano akambwira ngo: “Nda—nda—ndashaka ko usengera *Iki n’iki*. Kandi nda—nagize ubumuga bw’ikirenga. Mpora ndwaye umutwe, buri gihe. Nagize ibisebe

mu igifu,” cyangwa ikindi kintu. Ya—ya, simbizi. Yashoboraga kuvuga kimwe muri ibyo bintu.

¹⁷⁰ Navuga nti: “Ni byo, mugenzi, mwene Data. Nzakurambikaho ibiganza maze ngusengere.” Byaba byiza rwose. Ni byo rwose twakoze mu bisekuruza byose. Si byo?

¹⁷¹ Ariko mwibuke, Yesu yavuze ko igihe cy’Ukuza Kwe, ibintu bizaba bidatandukanye cyane n’uko byari bimeze mu gihe cy’i Sodomu. Nuko Umugabo araza, ateye umugongo We ihema Sara yari arimo, nuko aravuga ati: (ntiyavuze “Aburamu,” ahubwo) “Aburahamu.”

¹⁷² Mbere y’uwo muni, yitwaga Aburamu. Nuko mu iyerekwa, Imana iramubwira iti: “Ngiye guhindura izina ryawe.”

¹⁷³ Maze Imana, Ubwayo, iraza, mw’ishusho y’umuntu, Isangira na we ibyo kurya n’ibyo kunywa. Iramubaza iti: “Aburahamu, umugore wawe, Sarah ari he?” S-a-r—r-a-h; ntabwo ari S-a-r-r-a.

Arasubiza ati: “Ari mw’ihema, inyuma Yawe.”

¹⁷⁴ Ati: “Ngiye kukugenderera, nkurikije amasezerano yanjye amaze imyaka makumyabiri n’itanu.”

¹⁷⁵ Nuko Sarah araseka ari wenyine. Aravuga ati: “Sarah asekeye mw’ihema ako kanya yibaza ati: ‘Ibyo bintu bishoboka gute?’” Yoo. “Nta kinanira Imana?” Murareba? Nta na kimwe. Oya, mugenzi.

¹⁷⁶ Noneho We yavuze ko, Yesu yabisezeraniye, “We, Umwana w’umuntu,” ari ryo Jambo, (murabyizera?) “yagomaba kuza mu minsi ya nyuma, akigaragaza mu gihe isi izaba imeze nka Sodomu na Gomora.” Murabyizera ko ari byo?

¹⁷⁷ Mbere y’uko dusenga, bamwe muri mwe mube musenga murebe niba Umwana w’umuntu ari wawundi udahinduka, haba ejo hashize, uyu muni cyangwa iteka ryose. Gusa mubaze niba ari We, uvuge uti: “Mwami, uyu mugabo ntabwo anzi, ariko nzi ko Uri wawundi udahinduka, haba ejo hashize, uyu muni, n’ibihe byose,” urebe niba We agusubiza.

Yego, mugenzi. Noneho, mwubure imitwe yanyu akanya gato.

¹⁷⁸ Inyuma yanjye. Hari umwana. Afite umuriro. Ni umwana muto w’umukobwa. Aturutse hanze y’umugi. Umwana arwaye igifu. Cyakize. Izere gusa.

¹⁷⁹ None se ibyo ni byo yavuze ko azakora? Uyu muntu ni bwo bwa mbere mubonye mu buzima bwanjye. Imana yo mw’Ijuru irabizi.

¹⁸⁰ Uyu mugabo hano, asa nk’ukomeye afite n’ubuzima bwiza. Ariko murabona icyo gicucu kiri hejuru ye? Biravuga ko, Imana nitamwifashiriza, ntari bumare iminsi. Afite kanseri. Iri ku bihaha bye.

Ubu noneho, Umwana w'umuntu ari hano.

Ahangayikishijwe n'aka kana k'agahungu, akana gato. Si byo? Mwizera ko Imana ishobora kumbwira icyo uyu mwana arwaye? [Mwene Data arasubiza ati: "Nzi ko yabikora."—Ubwanditsi.] Yabikora. Ata ubwenge nk'ufashwe n'igicuri. Biherutse kumubaho. ["Muri iki gitondo."] Ni byo, muri iki gitondo. Ese urizera ko ugiye kubaho kugira ngo urere uwo muhungu, kandi ko azamererwa neza?

¹⁸¹ Charlie Cox ari he? Ari he? Charlie, uri he? Natekerezaga ko ari hano kuri uyu mugoroba. Charlie, ngwino hano. Gary, uri he? Larry yaba ari hano? Agahungu ke kari gafite uburwayi nk'ubu neza neza. Larry, uri he? Ngwino hano akanya gato. Urakoze kuza. Aka gahungu kari gafite uburwayi nk'ub'umwana wawe. Se na nyina ni inshuti zanjye nziza cyane. Hambere aha mu myaka yashize nari hepfo hariya, aka kana k'agahungu karafashwe gata ubwenge. Cyari igicuri. Nafashe aka gahungu nsaba Imana kugakiza. Kuva icyo gihe ntikongeye kurwara. Se na nyina; bicaye hano mu mwanya runaka; n'ako gahungu ubwako kari hano.

¹⁸² Ubu se noneho urizera, mugenzi? (Urakoze, Larry.) Urizera, mugenzi wanjye? Imana yo mw'Ijuru iguhe nk'ibyho kandi igufashe kurera uwo mwana. Imana iguhe umugisha.

Mureke dusenge.

¹⁸³ Mana dukunda, mufashe. Ndasaba ngo impuhwe n'ubuntu bwawe bimusakareho kandi umuhe umugisha. Mw'Izina rya Yesu.

¹⁸⁴ Subira muri Louisiana, unezerewe, kandi ushimire Imana ku bwe.

¹⁸⁵ Yoo, ni byo, yaturutse muri Louisiana, neza ni ho aturuka, hafi y'Ikiyaga cya Charles. Ni byo. Ubu noneho nshobora kumva ibitekerezo byawe. icyubahiro kibe icy'Imana!

¹⁸⁶ Urimo gusaba i—ikintu cyiza, urifuza umwana. Wari usanzwe ufite abana, abana babili, ariko urashaka undi. Imana yo mw'Ijuru imuguhe mushiki wanjywe; Ngwino hano, ndifuza kukurambikaho ibiganza.

¹⁸⁷ Mana dukunda, uyu mugore umuhe icyo umutima we wifuza, kubera ko gifite ishingiro. Mw'Izina rya Yesu. Amina.

Noneho, genda umwana uramuhawe.

¹⁸⁸ Imana ni Imana nziza. Urabyizera? Izi ibyo dukeneye byose. Iduha ibyo dukeneye byose iyo tubyizeye. Yaravuze iti: "Iyaba mwizeraga!"

¹⁸⁹ Hari aho nigeze kugukora mu ntoki. Sinibuka aho ariho, ariko, nigeze kugukora mu ntoki. Ntabwo nibuka neza, ariko twari ahantu runaka, uyu munsu ahandi, ariko sinzi aho ari ho. Ariko aho ntabwo ari ho, turi hano kugira ngo tuganire. Uri

hano kubwo kuganira, cyangwa gusenga, ushaka ko nsengera undi muntu. Ni byo. Ntabwo ari hano. Ari muri Jeworujiya, ararwaye. Ntabwo arwaye gusa, ku mubiri, ariko mu buryo bw'umwuka ararwaye; mubyara wawe. Wizera ko Imana iza kumwitaho kuko yamuhagararaho? Urabyizera? Ngwino hano reka dusengere hamwe.

¹⁹⁰ Mana dukunda, uyu mugabo umuhe icyo umutima we wifuza, kugira ngo agende abone uriya mugabo urimo utakambira Imana. Mbisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

Imana ibahe umugisha. Ntimushidikanye. Mwizere n'umutima wanyu wose.

¹⁹¹ Mumerewe mute? Ikibazo si uko ntagukoze mu kiganza ngo nongere nzunguze ikiganza cyawe, igihe wari urambuye ikiganza, ahubwo hari ibindi nabonaga. Cyari igicucu, cyijimye kandi cy'umukara. Ni yo mpamvu. Nzi ko iyo nkora mu kiganza cyawe, mba narasanze ari uko kimeze. Ariko ni kanseri. Wizera ko Imana ishobora kuyikiza? Iri mw'ibere ryawe ry'ibumoso. Urifuza gusubira i Karolina ushimira Imana kubera ko uri muzima, si byo? Urumva icyo nshaka kuvuga? Reka dusenge.

¹⁹² Mana dukunda, mw'Izina rya Yesu Kristo, Wawundi Uri hano nonaha; abana barya Umugati w'Imana, uyu mwana aryohereye no kwizera, n'Umugati w'Imana Yo imuha kugira ngo akire. Reka agende kandi amererwe neza, mw'Izina rya Yesu. Amina.

Imana iguhe umugisha, Mwene Data. Wizere n'umutima wawe wose.

Mumerewe mute?

¹⁹³ Mbese ibi si ibihe byiza? Itegereze ukuntu abantu batuje. Cyangwa, birashoboka nk'aho, amatwi yanjye, nk'ikintu kigenda kigira ngo: "Waaah!" Gitera urusaku gusa, nka, "Waaah," nka gutyo, murebe. Ni Umugati w'abana. Murareba? Ni uwanyu. Ni mwe wagenewe. Si uwanjye; Ni uwanyu. Ubu ndashima cyane, neza muri aka kanya, ntabwo... Meze neza, uko mbizi; ariko ni Umugati wanjye, na njye, mu gihe nywukeneye. Ni Umugati kuri wowe. Ni ukugutera imbaraga. Namwe mutarwaye, uzamura imitima yacu ukayigeza imbere y'Imana.

¹⁹⁴ Iki ni cyo gihe nyacyo, ibyo Yavuze Azabikora, "Kandi nk'uko byari bimeze mu gihe cy'i Sodomu, ni nako bizamera mu gihe cyo kuza k'Umwana w'umuntu, igihe Umwana w'umuntu azahishurwa." Murabona? "Dore, mboherereje umuhanuzi Eliya mbere y'umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba w'Uwiteka. Azagarura imitima y'abantu ku ya ba se." Murabona? Murabona?

¹⁹⁵ "Kandi intungane zizakandagira a—abagome, zibahindure ivu." Bazashya nk'itanura, murareba, isi ni ko izamera.

Turabona bigiye gusohora. Kandi ibirunga bizakwira isi yose, ijuru rizaka umuriro.

O yewe Rutare rw'Ibihe, ngirira imbabazi nonaha, muri aka kanya.

¹⁹⁶ Wabigenza ute? Ni byiza, ikintu kimwe, ufite ibibazo by'umudamu, ibibazo by'umugore. Ufite n'ibindi bibazo. Urasa n'uhangayitse, bitewe n'imyaka ugezemo. Ufite ibibazo binyuranye. Ariko ufite icyifuzo, na cyo, cyo kwakira Umwuka Wera. Ni byo. Ni ko bimeze. Wizera ko uri... Wigeze watura byose? Urizera ko ninkurambikaho ibiganza nkasaba Imana Umwuka Wera ari bumanuke? [Mushiki wacu aravuga ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Urabyizera? ["Yego, mugenzi."] Mureke dusenge.

¹⁹⁷ Mana dukunda, ndambuye ibiganza kuri uyu mugore, nk'uko intumwa zabigenzaga, kandi nkaba nsaba ko yakira umubatizo w'Umwuka Wera. Mw'Izina rya Yesu Kristo, nawakire. Amina.

¹⁹⁸ Ntushidikanye. Ni ibyawwe, murareba. Ni ibyawwe. Ni u—Umugati w'abana.

¹⁹⁹ Wumvise sinzi ukuntu umeze igihe navugaga, "ibibazo by'abagore," si byo? Kubera ko wari ufite ibyo bibazo. Ubu se urizera ko uri buze gukira? Genda, ushimire Imana.

²⁰⁰ Umerewe ute? Urizera n'umutima wawe wose? Urizera ko uri bushobore kurya nk'uko wari usanzwe ubikora mu gihe gishize? Nta kibazo. Genda maze uvuge uti: "Urakoze Mana. Ndabyizera." Ukugaragara kw'Imana.

²⁰¹ Wizera ko ibibazo by'umugongo bigiye kukuvaho kandi ukumva umerewe neza? Ni byiza. Genda gusa, maze uvuge uti: "Urakoze, Mana nkunda," kandi Imana izabiguha.

²⁰² Wizera ko ushobora kumva umerewe neza, Uwiteka azagukiza, kandi ntuzongera kugira rubagimpande, urumva umerewe neza kandi ufite ubuzima bwiza? Urabyizera? Genda, We umushimire, vuga uti: "Mwami, ndabyemera n'umutima wanjye wose, kandi ndabyizera."

Namwe mwese aho muri hanze aho murabyemera?

²⁰³ Wowe hariya, rambura ibiganza byawe kuri uriya mugore wicaye iburyo bwawe, mubwire ko akize indwara y'imitsi na rubagimpande. Ubwo a...?...

²⁰⁴ Imana iguhe umugisha. Urizera ko uribuze gukira noneho? Taha. Imana iguhe umugisha. Subira mu rugo maze uvuge uti: "Urakoze, Mwami Yesu."

²⁰⁵ Umerewe ute? Wizera ko ibibazo by'abagore bigiye kukuvaho, maze nawe, ukumva umerewe neza? Genda, maze uvuge uti: "Urakoze, Mwami."

²⁰⁶ Umerewe ute? [Mushiki wacu aravuga ati: "Naravunitse."—Ubwanditsi.] Kuki, Yemwe ga yemwe! ["Totten."] Nzi izina

ryawe. Na—nari... ["Totten."] igihe nari umushumba w'itorero ry'Ababatisita. ["Totten."] Totten. ["Della Totten."] Mushiki wacu Della Totten. Ubu urwaye umugongo. ["Yego."] Byose biri bugende neza. Urizera ko We aza kugukiza? Muribuka ibyabaye mw'Itorero ry'Ababatisita rya Milltown mu myaka ishize? ["Yego, ndabyibuka!"] Ni Imana idahinduka uyu muni. Imana iguhe umugisha, mushiki wacu.

George Wright, uri hehe? Urabyibuka? Yemwe yemwe, mbega...

Urizera ko, ninkurambikaho ibiganza, nkagusiga amavuta, wizera ko uri bukirere? Ngwino hano. Mw'Izina rya Yesu Kristo niyakire gukira. Amina. Gira kwizera!

Ni byiza, mwese murizera n'umutima wanyu wose?

207 Noneho, mbega ukuntu ibyo bintera kwibuka kera, mbonye uriya mudamu! Sinibuka izina rye, ariko nje... [Hari umuntu uvuze ngo: "Totten."—Ubwanditsi.] Totten. Totten, ni byo. Umukobwa we yitwaga Bertie. Ni byo. Ni byo neza neza. Ntimutekereze ko nataye umutwe, gusa ndiyumva gake, murabizi, gusa sinzi numva... Sinshobora kubisobanura.

208 Ariko umugongo wawe wakize. Genda ushime Imana maze uvuge uti: "Urakoze Mwami."

209 Wizera ko ibibazo by'umutima bizagenda neza, na byo? Igendere, wishimye, kandi uvuga uti: "Urakoze, Mwami Yesu," kandi ubyizere. Ni byiza. Gira kwizera noneho. Wishidikanya.

210 Yewe mugore, ngwino. Urabyizera n'umutima wawe wose? Ufite ibibazo byinshi. Ufite ibibazo, kandi. Wizera ko Imana igiye kugukiza? Byose ni byiza, wowe genda, wishimye. Ibyo, uwo ni We utuma wumva umerewe utyo. Imana ishimwe. Imana iguhe umugisha, mushiki wanjye.

211 Uraho, Sonny. Wizera ko Imana igiye kugukiza ubwoba bw'uwo mwana kandi ikabikora neza? Urabyemera? Byose. Muraho, nshuti, reka ngukore mu biganza.

212 Mana nziza, kura kiriya kintu kibi kuri uyu mwana muto, kandi abeho kandi akire. Mw'Izina rya Yesu. Amina.

213 Imana iguhe umugisha, mwene Data. Urabyemera, si byo? Uzabona neza. Ntugashidikanye na gato.

214 Akana k'agahungu gafite ikibazo cy'umutima. Urizera ko Imana igukiza? Genda uvuge uti: "Urakoze Mwami kunkiza."

215 Urizera ko Imana iri bukirere ibibazo by'igifu cyawe ukumva umerewe neza? Genda wishimye kandi uvuga uti: "Urakoze, Mwami."

216 Imana ihora ari Imana, Si byo se? icyo ugomba gukora ni ukwizera gusa. Mbese ibyo si byo? Wizera Umwana w'umuntu mu minsi ya nyuma?

217 Hari ikintu kimaze kuba mu kanya kandi sinshobora... ndacyashakisha aho cyari kiri. Hari umuntu wari ufite ukwizera wagize icyo akora. Cyangwa se wenda nshobora kuzabibona ku Cyumweru gitaha, cyangwa igihe bizanshobokera. Uri—wowe... Hano urongeye. uzamuye ikiganza cyawe. Wizera ko Imana ishobora kugukiza ibyo bibazo by'umutima, ukamererwa neza, igakiza umukobwa wawe uri hanze hariya—hamwe na... Urabyizera? Madamu. Neff, wemera ko Imana... Leo Neff. Sinkuzi, ariko ni wowe. Wagize ibibazo by'umutima, kandi umukobwa wawe muto yagize ikibazo cy'impayiko. Urizera ko agiye gukira? Ukwizera kwawe kugukize. Izere n'umutima wawe wose.

218 Wowe uri hariya inyuma muri pisine, uhagaze inyuma ufite ibibazo by'igifu, Yesu Kristo agukize.

219 Urizera? Uko yari ari ejo n'uyu muni ni ko ari kandi ni ko azahora n'iteka ryose. Reka turamburiraneho ibiganza. Yoo, mutekereze ibihe turimo, mutekereze ku gihe. Mutekereze ko turi imbere ya Yesu Kristo, Umwana w'Imana. Yasezeraniye ko Azabikora mu minsi ya nyuma. Narambuye ibiganza kuri utu dutambaro.

220 Mana dukunda, ndasaba ko uha umugisha utu dutambaro tuza gukoreshwa mu gukiza imibiri y'abantu, binyuze mw'Izina rya Yesu Kristo.

221 Noneho, muramburaneho ibiganza, buri wese ni urugingo rw'Umubiri wa Kristo. Umwuka Wera yaseraniye kuzagaragaza amabanga yo mu mitima kandi agakora ibi bintu, Ari muri wowe. Uri urugingo Rwe, na We ni urugingo rwawe. Yaravuz ati: "Dore ibimenyetso bizajyana n'abizera." Ni mwebwe. "Nibarambika ibiganza ku barwayi bazakira." Noneho, ntumukisabire mwenyine, musabire abo mwarambitseho ibiganza, kubera ko na bo babasabira. Noneho reka dufatanye gusenga kugira ngo hatagira umunyanteye nke uboneka muri iki cyumba. Kuki wakomeza gutegereza, Mwene Data nkunda, mushiki wanjye, hano hari, Umwuka Wera, Imana, hano neza, Ibintu by'ingenzi twavuzeho.

222 Yesu dukunda, turemera Ukugaragara Kwawe. Wagaruye mu buzima ejobundi ka kana k'agahungu kari kapfuye, kubera isengesho ryo kwizera. Mana dukunda, hari abantu benshi tutashoboye kugeraho kubera igihe gito, ariko baramburanyeho ibiganza. Ni abizera. Twicaye imbere y'Umwami Yesu Kristo wazutse mu bapfuye, uko yari ari ejo, n'uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n'iteka ryose.

223 Satani, waratsinzwe! Yesu Kristo yaragutsinze! Yazutse mu bapfuye ahagaze hagati yacu muri iri joro, yemeza ubu Butumwa bwo mu minsi y'imperuka. Sohoka muri aba bantu! Bareke, mw'Izina rya Yesu Kristo! "Mw'Izina Ryanje bazirukana

abadayimoni,” kandi agende. Mw’Izina rya Yesu Kristo, va muri iri teraniro!

²²⁴ Buri wese muri mwe nonaha wemera ko yakize, nahagarare ku birenge bye. Umuntu wese wemera ko yakize, ahagarare ku birenge bye. Muzamure ibiganza byanyu noneho We mumuhereze ishimwe!

“Ubu nemeye gukira kwanjye,” bibwire Imana. “Ubu nakiriye gukira kwanjye. Uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose, Kristo. Ubu ndakwizeye, tabara Wowe ukutizera kwanjye. Amina.”

Nzamusingiza, nzamusingiza,
Musingize Umwana w’Itama wapfiriye
abanyabyaha;
Abantu mwese We nimuhereze icyubahiro,
Kubera ko Amaraso Ye yogeje ikizinga cyose.

²²⁵ Mbese ntimumukunda? [Itorero riravuga riti: “Amina.”— Ubwanditsi.] Reka tumushimire noneho. Abantu bose, muzamuye ibiganza, mumushimire, mu gihe mwene Data aje hano kudusezerera. 

65-0718E Ibyo Kurya by'Umwuka mu Gihe Gikwiriye
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org